# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

Nº. E-63 TARIKI 9-15 KAMENA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU

Ibyo wakwitega ku Kigo cy'u Rwanda gishinzwe AI (NAIA)



2

AMAKURU

Bwa mbere Ikigo cy'Icapiro ry'Igihugu (RPC Ltd) cyatanze inyungu ku Munyamigabane



6

MU NTARA

Musanze: G.S Rwinzovu bashima kubakirwa amashuri asimbura ayo mu 1980



21

IMYIDAGADURO

Musanze: Igitaramo cyahuje Bruce Melodie na The Ben cyasigiye abacuruzi agatubutse



26


# Perezida Kagame n'intumwa ya EU baganiriye ku mutekano w'Akarere




**Perezida Paul Kagame yakiriye intumwa yihariye ya EU mu Karere k'Ibiyaga Bigari Amb Johan Borgstan**

**NTAWITONDA** Jean Claude

*Ku gicamunsi cyo ku Cyumweru tariki ya 14 Kamena, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakiriye Intumwa yihariye y'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi (EU) mu Karere k'Ibiyaga Bigari Amb. Johan Borgstam, baganira ku mutekano w'Akarere.*

Mu ngingo baganiriyeho harimo n'igaruka ku kuba hakenewe ibikorwa bifatika bikemura impamvu shingiro z'amakimbirane yo mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ndetse no kwihutisha urugendo ruganisha

KOMEZA KU RUP.3

## RDB mu nzira zo gutangira ibikorwa bya Visit Rwanda i Burayi

**IMVAHO NSHYA**

***Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) rwatangiye gushaka ibigo by'ubucuruzi bishobora kwamamaza gahunda ya Visit Rwanda mu bihugu bitandukanye ku mugabane w'i Burayi. Iki gikorwa kizakorwa binyuze mu bufatanye na Ambasade y'u Rwanda mu Bufaransa na Luxembourg.***

Mu itangazo ryashyizwe ahagaragara na Ambasade y'u Bufaransa mu Rwanda, ku mugoroba wo ku wa Kabiri tariki ya 9 Kamena 2026, ibigo bizatoranywa bizaba bifite inshingano yo kwamamaza Visit Rwanda mu bihugu birimo u Bufaransa, Luxembourg, Monaco, Espagne, u Butaliyani na Portugal.

Ibyo bikurikiye ibiheruka gutangazwa ko ku bufatanye na Ambasade y'u Rwanda muri Leta Zunze ubumwe za Amerika hifuzwa abafasha u Rwanda kwamamaza Visit Rwanda muri USA, Bresil, Mexique na Argentine.

KOMEZA KU RUP.3

# Ibyo wakwitega ku Kigo cy'u Rwanda gishinzwe AI (NAIA)




**Guverinoma y'u Rwanda yemeje ishyirwaho ry'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ikoranabuhanga ry'Ubwenge buhangano (NAIA)**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Tariki ya 08 Kamena, Guverinoma y'u Rwanda yemeje ishyirwaho ry'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ikoranabuhanga ry'Ubwenge buhangano (National Artificial Intelligence Agency/ NAIA), mu gihe iri koranabuhanga rihanzwe amaso nk'umusemburo ukomeye w'impinduka zikenewe mu guhindura ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage.***

Nk'uko byemejwe n'Inama y'Abaminisitiri, icyo kigo cyitezweho kwihutisha iterambere ry'ikoranabuhanga, guhanga ibishya, gushyira mu bikorwa ishoramari n'imiyoborere; hagamijwe gushyigikira impinduramatwara mu ikoranabuhanga no guteza imbere ubukungu bw'u Rwanda.

Icyo kigo kandi ni cyo kizaba kigenzura iterambere ry'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ry'Ubwenge buhangano (AI) mu Rwanda, gutegura amabwiriza n'amategeko ndetse no gukurikirana ibirebana n'ishoramari birebana n'uru rwego mu Gihugu hose.

Ishyirwaho ry'iki kigo ryubakiye ku ntumbero y'u Rwanda yo kuba igicumbi cy'Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Buhangano muri Afurika.

Mu 2023, u Rwanda rwabaye rumwe mu bihugu bya mbere muri Afurika byemeje Politiki y'Igihugu ya AI yashyizeho icyerekezo gifasha u Rwanda kuba santeri mpuzamahanga y'ubushakashatsi kuri AI no guhanga ibishya.

Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MINICT), ivuga ko iki kigo gishya kigiye gufasha by'umwihariko mu guhuza ibikorwa by'imishinga ya AI mu nzego za Leta.

Iki kigo kandi nanone kizafasha kwimakaza ikoreshwa rya AI muri serivisi za leta no mu bikorera, gushyiraho ingamba zigamije gukoresha iri koranabuhanga kinyamwuga kandi hubahirizwa amategeko.

Iyo Minisiteri kandi ihamya ko icyo kigo cyitezweho kandi gushyigikira ubushakashatsi bwa AI, guhanga ibishya n'ishoramari, kongerera imbaraga imiyoborere ishingiye ku makuru no gufasha u Rwanda gukurura ishoramari mpuzamahanga ry'ibigo bya AI n'abashakashatsi muri urwo rwego.

## Uko NAIA yunganira gahunda z'u Rwanda z'iterambere ry'ikoranabuhanga

Iki kigo ni kimwe mu ruhererekane rwa gahunda z'iterambere ry'ikoranabuhanga mu Rwanda, kuko kije kunganira ishami ry'Ikigo gishinzwe Impinduramatwara ya Kane mu Bukungu (C4IR Rwanda) ryafunguwe ku mugaragaro na Perezida wa Repubulika Paul Kagame muri Werurwe 2022.

Nanone kandi icyo kigo kizafatanya n'Ikigo RISA kiyobora imishinga y'iterambere ry'ikoranabuhanga mu Rwanda gishingiye kuri Politiki ya AI yemejwe mu 2023 ikaba ifite inkingi esheshatu ari zo ubumenyi n'ikoranabuhanga, ibikorwa remezo, imicungire y'amakuru, kunoza serivisi za Leta n'imikorere hifashishijwe ikoranabuhanga, guha imbaraga ibigo byigenga n'inganda kugira ngo bikoreshe AI ndetse no kugena amahame agenga imikoreshereze y'iryo koranabuhanga rigezweho.

Nanone kandi NAIA iziye igihe kuko ije kunganira gahunda igamije gutegura no kongerera ubushobozi ibigo bya Leta by'ikoranabuhanga, mu kurushaho kunoza ihererekanyamakuru na serivisi z'ikoranabuhanga ari na ko Igihugu gitegurirwa kugera ku ikoreshwa rya AI riteye imbere kurushaho.

Nubwo gahunda y'iterambere rya AI ibonwa nk'umusemburo w'impinduka zikenewe mu nzego zose, u Rwanda ruhanze amaso kuyibyaza umusaruro mu nzego z'ingenzi zirimo ubuzima, ubuhinzi, uburezi, inzego za Leta, urwego rw'imari, n'imiyoborere igezweho n'imitangire ya serivisi yifashisha ikoranabuhanga.

Urugero, u Rwanda rwatangije umushinga wa serivisi z'ubuvuzi zifashisha AI mu mavuriro hagamijwe gufasha abaganga kurushaho kunoza no kwihutisha imitangire ya serivisi z'ubuvuzi.

Iki kigo gishobora nanone gufasha u Rwanda guhanga imirimo igezweho mu ikoranabuhanga, kubaka no kongerera ubushobozi impano z'u Rwanda muri AI no mu bushakashatsi, kongera umusaruro mu nzego z'ingenzi by'umwihariko mu buhinzi no mu buzima, gukurura ishoramari ritaziguye mu ikoranabuhanga ndetse no kugeza u Rwanda ku ntumbero yo kuba igicumbi cy'udushya duhangwa muri AI mu Karere.

Muri rusange gushyiraho NAIA ni intangiriro yo gukura Politiki mu nyandiko igashyirwa mu bikorwa, kandi nibiramuka bikozwe neza, icyo kigo kizaba ingirakamaro cyane mu kugeza u Rwanda ku ntego z'Icyerekezo 2050 zirimo kuba igihugu cyubatse ubukungu bushingiye ku bumenyi no guhanga ibishya.

# Perezida Kagame n'intumwa ya EU baganiriye ku mutekano w'Akarere

IBIKURIKIRA URUP.1

ku kubaka amahoro n'umutekano birambye.

Amb. Johan Borgstam yaherukaga mu Rwanda muri Gashyantare 2025, aho Guverinoma y'u Rwanda yamusobanuriye ko ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC bitandukanye n'intambara z'ahandi nk'iya Ukraine.

Yasobanuriwe ko impamvu shingiro z'ibibazo by'umutekano muke muri RDC zifite aho zihurira n'ibibazo by'amateka n'imiyoborere mibi ari na byo byabaye intandaro ry'ivuka ry'imitwe isaga 200 ikorera mu Burasirazuba bwa Congo, irimo n'uwa FDLR washinzwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, n'uyu munsi ugifite uruhare rukomeye mu bibazo by'umutekano muke wabaye akarande mu Karere.

Icyo gihe intumwa ya EU yagaragarijwe ko u Rwanda rufite impungenge zikomeye z'umutekano zidakwiye kwirengagizwa, mu gihe hakurya y'umupaka warwo na RDC habarizwa ihuriro mpuzamahanga ry'imitwe yitwaje intwaro ifatanya n'ingabo za Leta irimo n'uwiterabwoba wa FDLR, Wazalendo, Ingabo z'u Burundi ndetse n'abacanshuro.

U Rwanda rwavuze ko mu gihe izo mpungenge z'umutekano zitarakurwaho, ruzakomeza gukaza ingamba z'ubwirinzi ku mipaka yarwo, ndetse runashimangira ko ubusugire bw'Igihugu budakwiye gukora ku ruhande rumwe ngo hirengagizwe ko n'u Rwanda rubukeneye.

U Rwanda rwasabye EU kugendera ku kuri kw'ibibera mu Burasirazuba bwa RDC aho gushingira ku birego by'ibinyoma Guverinoma ya Congo itangaza kugira ngo ihishe ukunanirwa kwayo, ihonyorwa ry'uburenganzira bwa muntu n'ibindi, n'ibibazo bya ruswa byamunze ubuyobozi ari na byo bikongeza ubushake bwo guhembera intambara.

Nyuma y'iminsi igera kuri 20 Amb. Johan Borgstam ageze i Kigali, EU yafatiye abayobozi b'Ingabo z'u Rwanda ibihano, ariko Guverinoma y'u Rwanda ishimangira ko ibyo ntacyo bizafasha mu gukemura ibibazo by'umutekano muke mu Karere mu gihe hirengagizwa impamvu shingiro zibitera.

Ku rundi ruhande, imbaraga zakomeje gushyirwa mu rugendo rwo gukemura impamvu shingiro, u Rwanda rukaba rudahwema kugaragaza ubushake bwarwo mu gutanga umusanzu kugira ngo ibyo bibazo bikemuke burundu.

Mu mezi yakurikiyeho kugeza mu mpera z'umwaka ushize, hatangiye urugendo rw'ubuhuza rwasojwe no gusinya amasezerano y'amahoro n'Abakuru b'Ibihugu Paul Kagame na Thsisekedi, ku wa 4 Ukuboza 2025, ubwo hasinywaga amasezerano y'Amahoro ya Washington hagati y'u Rwanda na Congo agamije kugarura amahoro arambye.

Ayo masezerano agaruka ku ngingo z'ingenzi zirimo kurandura FDLR bikazakurikirwa no gukuraho ingamba z'ubwirinzi z'u Rwanda ku mipaka yarwo, gushyiraho gahunda ihamye yo gucyura impunzi z'Abanyekongo ziri mu Rwanda cyangwa iz'Abanyarwanda bari muri Congo no gushakira abaturage umutekano usesuye.

Aya masezerano kandi areba ubufatanye mu by'ubukungu hagamijwe gushyiraho imikoranire mu by'ubucuruzi n'ishoramari irimo no kubyaza umusaruro ibikorwa remezo n'umutungo kamere nk'amabuye y'agaciro na Gaz Méthane byo mu Kiyaga cya Kivu.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Nduhungirehe Jean Patrick Olivier, mu kiganiro aheruka kugirana na Radio B&B FM Kigali, yavuze ko kugeza n'uyu munsi umutwe wa FDLR ugihabwa intwaro n'ibindi byangombwa na Guverinoma ya Congo ndetse na Perezida w'icyo gihugu Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo.

Yakomeje agaragaza ko kuva hasinywa amasezerano ya Washington nta ntambwe ifatika Guverinoma ya RD Congo iratera mu gushyira mu bikorwa ibyo yiyemeje mu masezerano. Ati: "Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, ntabwo yubahiriza amasezerano twashyizeho umukono."

# RDB mu nzira zo gutangira ibikorwa bya Visit Rwanda i Burayi

IBIKURIKIRA URUP.1

U Rwanda rwatangiye iyi gahunda yo kumenyekanisha ubukerarugendo bwarwo ku ruhando mpuzamahanga ruhereye kuri Arsenal mu 2018 kandi byagiye bitanga umusaruro mu kumenyekanisha u Rwanda no kongera umubare w'abarusura.

Visit Rwanda ikomeje kwagura ibikorwa byayo ku ruhando mpuzamahanga binyuze mu gufatanya n'amakipe akomeye ku mugabane w'u Burayi no muri Amerika.

Muri Nzeri 2025 ni bwo u Rwanda rwasinye amasezerano y'imikoranire na Los Angeles Clippers ikina NBA na Los Angeles Rams yo muri NFL, birugira igihugu cya mbere cya Afurika kibaye umufatanyabikorwa n'amakipe yo muri Amerika.

Raporo y'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere RBD, yagaragaje ko ubukerarugendo bw'u Rwanda mu 2025 bwinjije arenga miliyoni 685$ asaga miliyari 880 Frw).

Aya mafaranga yiyongereyeho miliyoni 38 z'amadolari ugereranyije na miliyoni 647 z'amadolari yinjijwe mu mwaka wa 2024.




Hatangiye gushakwa ibigo by'ubucuruzi bishobora kwamamaza gahunda ya Visit Rwanda mu bihugu bitandukanye i Burayi no muri Amerika

# Hafi 30% by'abibiye kuri murandasi mu Rwanda bakoresheje konti z'abandi

IMVAHO NSHYA

***Niba ukunda gufasha abantu kubika amafaranga atari ayawe cyangwa ukayohereza ahandi hantu wibwira ko urimo gufasha mugenzi wawe, inshuti cyangwa umuvandimwe, ushobora kuba ufasha abajura b'amafaranga bifashisha ikoranabuhanga utabizi, kandi ntibikubuza guhanwa n'amategeko.***

Mu gihe ubushakashatsi buheruka bugaragaza ko ibyaha by'ubujura bukorerwa kuri murandasi byagabanyutse mu mwaka ushize wa 2025, imibare yerekana ko hafi bwifashishije murandasi, rivuye kuri 2,7% ryagaragaye mu mwaka wa 2024. Gusa icyo kigo kigaragaza ko iyo mibare yose iri hasi ugereranyije n'impuzandengo yo ku rwego mpuzamahanga iri kuri 3,8%.

Gusa nubwo igabanyuka rigaragara ugereranyije imyaka yombi haba mu Rwanda no ku rwego mpuzamahanga, abakora ubujura kuri murandasi bagenda bahindura amayeri bigoye gutahura ashobora kurenga ay'ubwirinzi zashyizweho.

TransUnion Africa yavuze ko uretse ubujura bucisha amafaranga yibwe ku bandi, ubundi bwibwe ku umujura n'uruhurirane rw'ibyaha mu rwego rw'imari. Abenshi babafasha batabizi binyuze mu bushukanyi, bagatuma abanyabyaha bimura amafaranga yibwe batamenyekanye. Mu gihe ibyo bikorwa byiyongera, ubwambuzi bushukana bukomeza guteza akaga gatandukanye ku buryo bitakiri ikibazo cy'abaguzi gusa."

Yakomeje avuga ko nubwo ibyaha by'ubu bwoko byagabanyutse u Rwanda, uburyo bukorwamo bugenda buhindagurika aho abanyabyaha bibanda ku gukoresha amakuru n'icyizere cy'abantu bakabakoresha mu byaha bitandukanye




**Ibyaha by'ubujura bukorerwa kuri murandasi, 30% by'ubwakozwe bwifashishije konti z'abandi bantu**

30% by'ubwakozwe bwifashishije konti z'abandi bantu mu kugerageza gusibanganya ibimenyetso.

Aya mafaranga anyuzwa kuri konti z'abandi bantu bafitiye icyizere abanyabyaha, mu buryo bumwe cyangwa ubundi, bigatuma bigorana gukurikirana abakora ibirari by'amafaranga yibwe, nubwo bidakuraho ko iyo amafaranga akurikiranywe n'uwabafashije birangira atahuwe.

Ikigo Mpuzamahanga kizobereye mu gukusanya, gusesengura no gutanga amakuru y'imari n'imyenda (TransUnion Africa) kivuga ko abenshi mu bibiwe ku ikoranabuhanga mu 2025 ari abageragezaga kugura ibicuruzwa bitandukanye bifashishije ikoranabuhanga, bigakorwa ahanini bakimara gutanga amakuru yabo bafungura konti ku mbuga zitandukanye.

Imibare itangwa n'icyo Kigo igaragaza ko 1,6% by'ihererekanya ry'amafaranga ryakorwaga n'abaguzi ryakekwagaho kuba ubujura ikoranabuhanga barimo abagiye bakurwa kuri konti zabo bangana na 24%, kwiba amakuru bwite biri ku kigero cya 22%, kwiba amakuru ya credit cards no gukata abantu amafaranga bataziye irengero byari ku kigero cya 22%, ubukomisiyoneri bwo ku ikoranabuhanga buri ku kigero cya 21% no kwizeza ibitangaza abashomeri byari ku kigero cya 22%.

Kwiyitirira abantu n'inzego na bwo ni ubujura bwibasiye 19%, ubutumwa bugufi bugamije kwiba bwibasiye 15%, gukoresha imbuga nkoranyambaga, imbuga, QR Codes hagamijwe kwiba amakuru y'umuntu byari ku kigero cya 13%, ubutumwa bw'amajwi no guhamagara hagamijwe kwiba amakuru na byo byari kuri 13%.

Amritha Reddy, Umuyobozi Mukuru wa TransUnion Africa ushinzwe kurwanya no gutahura amayeri y'ubujura bukorerwa ku ikoranabuhanga, yagize ati: "Abohereza amafaranga y'abanyabyaha baba ikiraro gihuza baca mu byuho by'ahakirimo kubakwa ubushobozi.

Ni muri urwo rwego Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu kwihutisha umushinga wo kubaka ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga bihuza amakuru y'abantu ari mu Kigo cy'Igihugu cy'Indangamuntu (NIDA) n'ibikorwa byabo bakorera kuri murandasi.

Kurushaho kunoza amakuru y'umuntu ku giti cye mu ikoranabuhanga ndetse no kuyashyiraho umutekano by'umwihariko ushingiye ku bikumwe n'imboni, byitezweho gufasha kugabanya ibyago by'ubujura bukorwa abanyabyaha biyitirira abandi.

Nanone kandi ingamba Leta y'u Rwanda yafashe mu guhanga n'ibyaha bikorerwa ku ikoranabuhanga ni zo zikomeza gufasha mu kugabanya ibyo byaha n'ubwo ababigerageza biyongera.

# Airtel Rwanda na ZTE bashyize telefoni nshya ku isoko isoko




**Airtel Rwanda na ZTE basinyanye amasezerano y'imikoranire**

KAYITARE Jean Paul

***Sosiyete y'Itumanaho ya Airtel Rwanda yasinyanye amasezerano y'imikoranire na Kompanyi ya ZTE agamije gufasha Abanyarwanda kubona telefone nshya zigezweho 'ZTE Blade A36' mu buryo bworoshye kandi buhendutse, hagamijwe guhanga udushya no gukora byinshi kurushaho.***

Ni amasezerano yashyizweho umukono ku mugoroba wo ku wa 11 Kamena 2026 mu Mujyi wa Kigali. Umuyobozi Mukuru wa Airtel Rwanda, Sujay Chakrabarti, yagaragaje ko Airtel Rwanda ifite ubushake bwo korohereza abantu bose kubona telefoni zigezweho (smartphones) no kugera kuri serivisi z'itumanaho. Yagize ati: "Kugera ku ikoranabuhanga ntibikwiye kuba amahirwe agenewe bamwe gusa, ahubwo bikwiye kuba amahirwe agera kuri buri wese."

Airtel Rwanda itangaza ko umukiriya uzagura telefoni nshya y'ubwoko bwa ZTE Blade A36, azahabwa iminota yo guhamagara ku buntu ku miyoboro yose hiyongereyeho na 1GB ya interineti buri munsi mu gihe cy'iminsi 30.

Uruganda rwa ZTE ruzwi mu Rwanda ko rwazanye telefone ihendutse mu zari ku isoko guhera muri za 2008 yari izwi nka 'Karasharamye', telefone y'uruti ruto ariko igashimwa na benshi bitewe n'ubwiza bwayo icyo gihe.

ZTE ni ikigo gikomeye ku Isi mu gukora no gucuruza telefone zigezweho n'ibikoresho by'itumanaho kuko ari icya kabiri mu Bushinwa, kikaza no ku mwanya wa kane muri Amerika nyuma ya Apple, Samsung na LG.

Mu 2024, Ubushakashatsi bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), bwagaragaje ko imibare y'ingo zitunze telefone z'ubwoko butandukanye hirya no hino mu gihugu, zigeze kuri 85% ariko imibare y'abatunze smartphone yo ikomeza kuba mito cyane.

NISR igaragaza ko Abanyarwanda 53,2% bafite kuva ku myaka 10 kuzamura ari bo batunze telefone ngendanwa hatitawe ku bwoko bwazo, mu gihe abo muri icyo kigero batunze smartphone ari 20,6%.

Imibare igaragaza kandi ko abatunze smartphone biganje mu bice by'Imijyi aho bagera kuri 77,1% mu gihe abatuye mu byaro bazitunze ku rugero rwa 45,6%.




**Sujay Chakrabarti, Umuyobozi Mukuru wa Airtel Rwanda**

# Perezida Kagame yahishuriye Abofisiye imico 3 bagomba kwitoza



**Perezida wa Repubulika akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda (RDF), Paul Kagame yahishuye ba Ofisiye imico 3 igomba kubaranga**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda (RDF), Paul Kagame yavuze ko nubwo hari ubumenyi bwo kuyobora abasirikare bakuru bo ku rwego rwa Ofisiye atangwa mu mashuri, hari imico y'ingenzi itatu bagomba kwihatira kwitoza kuko ntawuyiga mu ishuri.***

Iyo mico cyangwa imyitwarire Abofisiye basabwa kwitoza mu gihe inshingano z'ubuyobozi bakora zirushaho kwiyongera, irimo (1) Kugira ubutwari, (2) Gufata ibyemezo no (4) Kugira umuhamagaro ushingiye ku kumenya icyo barwanirira.

Mu gikorwa cyo gusoza amasomo y'Abofisiye Bakuru 108 basoje amasomo y'ubuyobozi bwa gisirikare mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare riherereye i Nyakinama mu Karere ka Musanze ku wa 12 Gicurasi 2026, Perezida Kagame yavuze ko ayo masomo yabateguriye kurushaho kongera ubushobozi bwo kuyobora no mu bihe bikomeye rimwe na rimwe bigaragara nk'aho bidashoboka kubisohokamo.

Gusa yavuze ko nubwo hari ubumenyi bahawe bw'ingenzi cyane, iyo mico yindi yo bagomba guhora bayitoza, ati: "Umuco wa mbere ni "UBUTWARI": Igihe cyose ntimuzahora mufite icyizere ndetse kuri bamwe ibyo bibaviramo kugwa ikinya, kandi ubutwari ni bwo bufasha umuyobozi kwiyemeza gukora atitaye ku rujijo cyangwa igitutu cy'ibyo ahanganye na byo."

Yavuze kandi ko umuco wa kabiri bagomba kwihingamo ari uwo 'GUFATA IBYEMEZO'. Ati: "Uko inshingano zanyu ziyongera, ni na ko ingaruka z'ibyemezo byanyu ziyongera. Gufata ibyemezo bizima kongera n'ubunararibonye, ubufatanye n'ubushake bwo kwigira ku makosa ugahindura icyerekezo bibaye ngombwa."

Umuco wa gatatu yakomojeho ni uwo 'KUGIRA UMUHAMAGARO' ari na wo utanga icyerekezo cy'ubuzima bw'umuntu ku giti cye ariko uharanira inyungu zimurenze kure cyane. Ati: "Icya gatatu ni umuhamagaro uva gusa mu kumenya icyo urwanirira. Ku Rwanda, uwo muhamagaro ushingiye ku kurinda abaturage bacu n'ubusugire bw'Igihugu cyacu, bikajyana no gukomeza kwihutisha iterambere ryacyo. Ikibazo kiri imbere yanyu ubu si icyo kwibaza niba mushobora kuyobora, ahubwo kiri ku kwibaza ku buryo muyobora."

Yasabye ba Ofisiye basoje amasomo kujya bagaragaza iyo mico uko bukeye n'uko bwije kandi bagahora bayivugurura buri musi.

Perezida Kagame kandi yagarutse ku mikorere y'Ingabo z'u Rwanda yubatswe mu myaka myinshi ishize, ashimangira ko iyo mikorere ishimwa n'amahanga itabayeho ku bw'impanuka, ahubwo yabayeho binyuze mu mirimo y'ubwitange, ikinyabupfura n'ubunyamwuga.

Yakomeje agira ati: "Ibi ni byo byubatse icyizere cy'abaturage bacu, abafatanyabikorwa ndetse n'abandi ingabo zacu zikorera. Iyo nshingano yagukira mu buryo butaziguye kuri mwe. Ikirere mukoreramo ntikizahwema guhinduka haza ikoranabuhanga rigezweho, n'ibibazo by'umutekano bisaba guhora mwihugura. Amahitamo mufata uhereye uyu munsi ntazagira ingaruka ku bikorwa byanyu gusa ahubwo azagera no ku muco, amahame n'ubudakemwa bw'inzego mwashinzwe. Mukwiye kuyoborana ubudakemwa kandi ntimugahweme kwiga no kunoza ibyo mukora."

Perezida Kagame yaboneyeho gushimira abasoje amasomo baturutse mu bihugu bya Afurika na Aziya, abibutsa ko bageze mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare riherereye i Nyakinama bafite ubunararibonye bwarushijeho gutyazwa n'ubumenyi ndetse n'ubuhanga bwisumbuye mu kuyobora Ingabo bahawe.

Yabamenyesheje ko inshingano zibari imbere zirushaho kuremera, aboneraho gushimira imiryango n'inshuti z'abarangije amasomo idahwema gusangira na bo umutwaro w'imirimo ya gisirikare baha agaciro ubwitange bwabo.

Yashimiye ubuyobozi bw'iryo shuri rikuru ndetse n'ubuyobozi bwa RDF buharanira ko ribona ibikoresho nkenerwa byose ngo ribashe gusigasira ubuziranenge buhanitse mu kuba intangarugero.

Ati: "Iri shuri rihuriza hamwe ba Ofisiye baturutse muri RDF no mu bihugu by'inshuti n'abafatanyabikorwa mu Karere kose, no hakurya yako. Ndashimira kuba abafatanyabikorwa n'inshuti nziza bifatanyije natwe mu gukora no gusoza aya masomo. Agaciro k'abantu bashya mwungutse hano ntikagereranywa. Iyo ba Ofisiye batorejwe hamwe bahuriye mu bikorwa, mu bufatanye bw'Akarere cyangwa mu ntambara, baba bafite ubwumvikane bwongerera imbaraga imikoranire yabo."

Muri ibyo birori, Umukuru w'Igihugu yari aherekejwe n'abayobozi barimo Minisitiri w'Ingabo, Juvenal Marizamunda, Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen Mubarakh Muganga n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye.

# Bwa mbere Ikigo cy'Icapiro ry'Igihugu (RPC Ltd) cyatanze inyungu ku Munyamigabane




**Abagize Inama y'Ubutegetsi ya RPC, Umuyobozi Mukuru wa 'Agaciro Development Fund', Umuyobozi Mukuru wa RPC n'Abayobozi b'amashami abarizwa muri RPC**



**Havuguruwe kandi hanagurwa ibikoresho bishya bigezweho mu kurushaho kunoza serivisi z'icapiro**




**Hubatswe icyumba cya 'Podcast Studio' kijyanye n'igihe, kizafasha 'Imvaho Nshya' na 'La Nouvelle Relève gutangaza amakuru mu buryo bugezweho**

**IMVAHO NSHYA**

***Ku wa Gatanu tariki 12 Kamena 2026, ku Kigo cy'Icapiro ry'Igihugu (Rwanda Printery Company (RPC Ltd), habaye Inama Rusange y'Abanyamigabane (AGM) ku cyicaro gikuru giherereye i Remera, Kigali. Iyo nama kandi yanahuriranye n'Inama y'Ubutegetsi ya RPC, ubuyobozi bukuru bw'ikigo ndetse n'umunyamigabane mukuru, Agaciro Development Fund yari ihagarariwe n'Umuyobozi Mukuru (CEO), Bwana Kayinamura Ulrich.***

Inama yayobowe na Bwana Ntare Jerry, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi, yitabirwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi ya RPC, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo wa RPC Bwana Bizimana Jerome, ndetse n'abayobozi b'amashami abarizwa muri RPC.

Inama yemeje ku mugaragaro Raporo y'Imari y'umwaka warangiye ku wa 31 Ukuboza 2025, ishima cyane imikorere ya RPC ku isoko rya servisi z'icapiro ndetse n'itangazamakuru ryayo rigizwe na Imvaho Nshya na La Nouvelle Releve.

Inama yemeje umwanzuro wo gutanga inyungu ku munyamigabane ingana na 112,827,937 z'amafaranga y'u Rwanda, angana na 10% by'inyungu ikigo cyungutse ingana n'amafaranga y'u Rwanda 1,128,279,376. Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya RPC, Bwana Ntare Jerry akaba yashimiye RPC kuri iyi ntambwe dore ko ari ubwa mbere iki kigo gitanze inyungu ku munyamigabane.

Ntare yagize ati: "Iyi nyungu ni ikimenyetso cyo kwaguka kwa RPC Ltd, imiyoborere myiza y'ikigo ndetse n'ubwitange bw'abakozi ba RPC. Igaragaza umuhate wacu mu kubaka iterambere rirambye no kwizerwa ku hazaza h'ikigo."

Inama yerekanye ku mugaragaro ishoramari ryakozwe mu 2025, harimo kuvugurura ibikoresho no kugura ibishya kandi bigezweho mu kurushaho gutanga serivisi z'icapiro zose zikenewe kandi zigatangwa mu buryo bunoze. Mu cyerekezo cy'ejo hazaza, RPC yagaragaje gahunda yo kwibanda ku guhanga ibishya, kwagura serivisi no kwinjira mu ikoranabuhanga rigezweho, yizeza gukomeza gushora imari mu bikoresho bigezweho bihura n'ibyifuzo by'abakiliya mu gucapa no mu itangazamakuru rigezweho kandi ry'umwuga.

RPC yatangaje ko yaguze imashini nshya zicapa zigezweho, zifatwa nk'iziharive mu gihugu. Izi mashini zizongera ubushobozi bwo gucapa, kugabanya igihe cyo gutegereza no kunoza ubuziranenge ku bakiliya bayo.

Ishami ry'Itangazamakuru ryamuritse Icyumba cya 'Podcast Studio' kijyanye n'igihe, kizafasha 'Imvaho Nshya' na 'La Nouvelle Relève' kugeza ku bakunzi inkuru mu majwi no mu mashusho mu buryo bugezweho. Icyumba kizatanga amajwi yifuzwa n'abakoresha imbuga nkoranyambaga, by'umwihariko urubyiruko rukunze kumva amakuru mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Umuyobozi Mukuru wa RPC, Bizimana Jerome, yagize ati: "Iyi studio si ubwiza bwayo gusa, si n'ibikoresho gusa, ahubwo ni urufunguzo rwo gutangaza amakuru bugezweho. Izatuma tuvuga inkuru z'u Rwanda mu buryo bujyanye n'iki kinyejana."

RPC yatangaje ko mbere yuko uyu mwaka wa 2026 urangira izaba yaratangije na serivisi nshya za Drones mu itangazamakuru. Izi drones zizafasha mu gufata amashusho agezweho, kugaragaza ubwiza bw'u Rwanda no gutangaza amakuru afite amashusho yuje ubuziranenge mu nkuru zanditse no kuri murandasi. Kugeza ubu, Ibitangazamakuru bya 'La Nouvelle Releve' na 'Imvaho Nshya' biri mu bya mbere mu Rwanda bitangaza mu buryo bwagutse ari bwo: Kuri murandasi buri munsi, Ibinyamakuru bicapye bisohoboka buri kwezi, ibinyamakuru Koranabuhanga (ePaper) bisohoka buri cyumweru, ndetse no ku Mbuga Nkoranyambaga umunota ku wundi. Ibitangazamakuru bicapye biboneka hirya no hino mu maguriro yo mu Mujyi wa Kigali no mu Ntara.

Umuyobozi Mukuru wa Agaciro Development Fund, Kayinamura Ulrich, yashimye intambwe RPC imaze gutera, yongera kwemeza ko umunyamigabane azakomeza gushyigikira imishinga igamije ukwigira kw'Igihugu no guhatana ku rwego mpuzamahanga.

Mu ijambo rye, yashimiye RPC Ltd mu gukomeza gushyira imbaraga muri serivisi itanga kandi zibyara umusaruro ufatika ku gihugu. Asaba ko ikomeza kuba ku isonga haba muri serivisi z'icapiro no mu itangazamakuru rigezweho ndetse no gukomeza guhanga ibishya hagendewe ku bikenewe ku isoko.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Uko 'Visit Rwanda' yabaye ikiraro n'ikirango cy'ubukera-rugendo n'ishoramari*

Mu mwaka wa 2018 ni bwo gahunda ya "Visit Rwanda" yatangiye mu rwego rwo kurushaho guteza imbere ubukerarugendo bw'imbere mu gihugu, ikaba yaraje ikurikira indi ya "Tembera u Rwanda" yatangiye mu mwaka wa 2016.

Iyo usubije amaso inyuma, ubona impinduka zigaragara zazanywe n'ubu bukangurambaga bwarushijeho kwerekana isura ya nyayo y'u Rwanda, rukarushaho kwamamara ndetse n'abatekerezaga Afurika nk'igihugu kimwe bakamenya ko igizwe n'ibihugu bitandukanye kandi buri gihugu gifite umwihariko w'amateka n'ibyiza nyaburanga byacyo.

Imibare y'Urwego rw'u Rwanda rw'Iterambere (RDB) igaragaza ko mu myaka ikabakaba 10 ubu bukangurambaga butangiye, amadovize u Rwanda rwinjiza mu bukerarugendo yikubye inshuro zirenga ebyiri kuko yavuye kuri miliyoni 318 z'amadolari ya Amerika mu 2015 agera kuri miliyoni 685 z'amadolari ya Amerika mu 2025.

Gahunda ya Visit Rwanda yatangiye nk'ubukangurambaga bwo guteza imbere ubukerarugendo, ubu yahindutse igikoresho gikomeye cyo kumenyekanisha Igihugu, gukurura ishoramari no kubaka isura nziza y'u Rwanda mu ruhando rw'Isi.

Iyo urebye aho u Rwanda rwavuye n'aho rugeze mu kumenyekanisha amahirwe yarwo, biragaragara ko Visit Rwanda yagize uruhare runini. Binyuze mu bufatanye n'amakipe akomeye ku Isi nka Arsenal FC, Paris Saint-Germain ndetse na Atlético de Madrid, izina ry'u Rwanda ryageze ku mamiliyoni y'abakunzi b'umupira w'amaguru hirya no hino ku Isi.

Ibi byerekana ko kwamamaza Igihugu binyuze muri siporo atari ugukoresha amafaranga gusa, ahubwo ari ishoramari ryatanze umusaruro. Mu gihe ibihugu byinshi bikoresha uburyo bwa gakondo mu kwigaragaza, u Rwanda rwahisemo kujya aho amaso y'Isi yose areba. Uko izina "Visit Rwanda" rigaragara ku myambaro y'amakipe akomeye, ni ko amatsiko yo kumenya Igihugu yiyongeraga.

Ikindi cy'ingenzi ni uko gahunda ya Visit Rwanda yafashije guhindura imyumvire y'abanyamahanga ku Rwanda abenshi bamenyeraga ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ariko ubu Isi ikaba igenda irumenya nk'ahantu h'ubukerarugendo bwo ku rwego rwo hejuru, ahantu habungabunzwe ibidukikije, ndetse n'ahantu heza ho gushora imari.

**Ubwanditsi**

# U Rwanda rwanenze HRW ishinja RDF ibinyoma itagenzuye



**U Rwanda rwamaganye Umuryango Human Rights Watch (HRW) ibogamye ishinja ibinyoma Ingabo z'u Rwanda**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yateye utwatsi Umuryango Human Rights Watch (HRW) wasohoye Raporo ibogamye ishinja Ingabo z'u Rwanda (RDF) ibinyoma bitagenzuwe cyangwa ngo bikorweho iperereza, mu gihe yirengagiza ukuri k'ubufatanye bw'Ingabo za Repubulika Iharanira Demokarasi ha Congo (RDC) n'imitwe yitwaje intwaro irimo n'uw'iterabwoba wa FDLR.***

U Rwanda rwamaganye iyo raporo yasohotse ku itariki ya 10 Kamena 2026, ishinja ingabo za RDF guhatira abantu kwinjira mu gisirikare, kwica, gufunga, iyicarubozo no kwinjiza abana mu ngabo.

Nanone kandi u Rwanda rwamaganye ndetse runanyomoza uburyo HRW yagerageje guhuza umutwe wa M23 n'Ingabo z'u Rwanda mu gihe ari umutwe w'Abanyekongo barwanira mu gihugu cyabo.

Iyi raporo y'amapaji 78 yiswe "Urupfu Rwari Hose: Ugufunga guteguye, Ubwicanyi no kwinjiza abantu ku gahato mu gisirikare", Human Right Watch imaze imyaka isaga 30 ijomba ibikwasi ubusugire bw'u Rwanda, yavuze ko ibikorwa by'umutwe wa M23 muri RDC ntaho bihuriye na RDF.

Guverinoma y'u Rwanda igaragaza ibyuho biri muri iyi raporo, bishimangirwa ukutizerwa kwayo, aho yemeza ko ingabo za Leta ya Congo (FARC) zishyigikira imitwe yitwaje intwaro irwanya M23 irimo n'uwa FDLR washinzwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ariko ntigaragaze ibifatika byavuye mu bushakashatsi ku mikoranire ya FARDC, FDLR na Wazalendo.

Iyi raporo kandi igaragaza ko abayobozi ba Congo baha intwaro, bagatera inkunga ndetse bagategurana ibitero na FDLR, Wazalendo n'indi mitwe yitwaje intwaro, ariko nta muyobozi w'iyo mitwe urashyirwa ku rutonde rw'abafatirwa ibihano nubwo ubwo bufatanye bushinjwa ibyaha bikomeye by'intambara.

U Rwanda runenga ko iyo raporo yakozwe ku ruhande rwa M23 iyihuza n'u Rwanda mu gihe Kinshasa ikora ibyaha ku mugaragaro yirengagizwa nkana.

Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda Yolande Makolo yagize ati: "Ukubaza inshingano kubogamye gushingiye ku iperererezа na ryo ribobogamye si ukubazwa inshingano."

U Rwanda kandi rwavuze ko iyi raporo irimo amakosa menshi y'ubunyamwuga, aho umutwe wayo ugira u Rwanda umunyabyaha ariko ikagira ugushidikanya n'amakuru afefetse mu bihamya biri ku mugereka.

Guverinoma y'u Rwanda iti: "Si ubwa mbere HRW igerageje kubeshya rubanda binyuze mu birego by'ibinyoma batangaza mu banyamakuru, ari na ko bashyingura ugushidikanya kwabo mu migereka. Nta mukozi wabo ushinzwe iperereza wigeze agera mu duce iyi raporo ivuga, nta wigeze asura kuri site, nta mubiri wataburuwe cyangwa ngo habe harabayeho gufata ibipimo bya gihanga."

U Rwanda ruvuga kandi ko raporo ubwayo yemeza ko umubare w'abapfuye wamenyekana ari uko imva rusange zigaragaye kandi zigataburururwa, ariko ngo nta mva n'imwe yabonywe.

Ikindi gihamya kigaragaza ubumyamwuga bukemangwa ni uburyo abatangabuhamya bose bagirwa ubwiru, aho usanga igice kinini cy'ubuhamya bagihabwa n'abarwanyi bamanitse amaboko babarizwa muri kasho z'igisirikare cya Congo, bigaragara ko baba bahatiwe kuvuga ibyo bitezweho kuvuga.

Iyi raporo kandi inengwa cyane kudaha agaciro uburemere bwo gukoresha abacanshuro b'abanyamahanga yise abasirikare bigenga, na bo bakaba baravuzweho bike cyane ugereranyije n'ubusenguzi bashoboraga gukorwaho ku ngaruka bagira ku mutekano muke wa RDC.

Ubufatanye nwa FARDC, FDLR, Wazalendo n'abacanshuro b'abanyamahanga na bwo bwagabanyirijwe uburemere cyane kandi ibikorwa byabo bifite ingaruka zitaziguye ku basivili.

Gusa ngo iyo HRW igeze ku mutwe wa M23 isya itanzitse, igakora isesengura ribogamye kandi riyobya rubanda, ariko ikanirengagiza ko RDC irenga ku masezerano ya Washington, n'ibirebana n'agahenge kemejwe.

# Guverinoma yijeje ko Abanyarwanda batazabura ibiribwa mu 2026/2027




**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, yijeje ko Guverinoma y'u Rwanda izakomeza kongera umusaruro w'ubuhinzi**

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, yijeje ko Guverinoma y'u Rwanda izakomeza gushyira imbaraga mu kongera umusaruro w'ubuhinzi kugira ngo Abanyarwanda bazakomeze kubona ibiribwa bihagije mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2026/2027, nubwo ku rwego mpuzamahanga hakomeje kugaragara ibibazo bishobora kugira ingaruka ku bukungu.***

Ibi yabigarutseho ku itariki ya 11 Kamena 2026, ubwo yagezaga ku Badepite n'Abasenateri Umushinga w'Itegeko rigenga ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2026/2027, wamaze kwemezwa n'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite.

Ingengo y'imari yateganyijwe muri uwo mwaka izaba ingana na miliyari 7 796,3 Frw, yiyongereyeho miliyari 844 Frw ugereranyije n'iy'umwaka wa 2025/2026.

Minisitiri Murangwa yagaragaje ko amafaranga ateganyijwe gukusanywa imbere mu gihugu azagera kuri miliyari 5.273,8 Frw, mu gihe inkunga z'amahanga zizaba zingana na miliyari 548,3 Frw, naho inguzanyo z'amahanga zikazagera kuri miliyari 974,1 Frw.

Yavuze kandi ko amafaranga azava imbere mu gihugu yiyongereho inguzanyo z'amahanga azaba agize hafi 93% by'ingengo y'imari yose, agaragaza ko igihugu gikomeje kugabanya kwishingikiriza ku nkunga z'amahanga.

Mu biganiro byabaye nyuma yo kugaragaza uwo mushinga, Senateri Dr Frank Habineza yagaragaje impungenge ku ngaruka z'intambara iri hagati ya Amerika, Israel na Iran, avuga ko ishobora gukomeza guteza ihungabana ku masoko mpuzamahanga, cyane cyane ku biciro bya lisansi na mazutu.

Yavuze ko hari impinduka zagaragaye mu bipimo by'ubukungu nyuma y'itangazwa ry'imbanzirizamushinga w'ingengo y'imari muri Gicurasi 2026, zirimo icyemezo cya Banki Nkuru y'u Rwanda cyo kuzamura inyungu fatizo.

Ati: "Mu gihe Minisitiri yatugezaho imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ibipimo by'ubukungu byari bishingiye ku makuru yari ahari icyo gihe, nyamara nyuma yaho BNR yazamuye ibipimo ngenderwaho by'inguzanyo ku kigero cya 1%."

Yunzemo ati: "Mazutu yavuye ku 2 205, ubu ikaba igeze ku 2 927 byazamutse ku mafaranga 722 kuri Litiro."

Habineza yavuze ko iri zamuka ry'ibiciro rifite ingaruka ku ngendo, ku biribwa, ku bikoresho by'ubwubatsi no ku zindi serivisi zifashishwa n'abaturage buri munsi. Yanagaragaje kandi ko izamuka ry'inyungu fatizo rituma inguzanyo zihenze, ibintu bishobora kubangamira cyane cyane urubyiruko rwifuza gutangiza imishinga mishya no guhanga udushya.

Minisitiri Murangwa yasubije ko Guverinoma yamaze gutegura ingamba zigamije kugabanya ingaruka z'izamuka ry'ibiciro ku rwego mpuzamahanga, by'umwihariko binyuze mu kongera umusaruro w'ubuhinzi.

Yagize ati: "Ibyo twagabanyije muri uyu mushinga Leta izibanda ku musaruro w'ibikomoka ku buhinzi, kugira ngo nubwo haba ibibazo ntituzabure ibiryo mu gihugu."

Yasobanuye ko Leta yashyize amafaranga menshi mu rwego rw'ubuhinzi, cyane cyane mu nkunga y'ifumbire, mu rwego rwo gukomeza kongera umusaruro.

Yunzemo ati: "Nimureba neza Leta mu buhinzi yashyizemo amafaranga menshi. Mu mwaka ushize mu gutunga ifumbire twari twashyizemo amafaranga miliyari 39 Frw, muri uyu mushinga twashyizemo miliyari zigera kuri 64 ni ukuvuga ko habuzeho gato ngo yikube kabiri."

Minisitiri Murangwa yavuze ko ayo mafaranga yiyongereye bitewe n'izamuka ry'ibiciro by'ifumbire ku isoko mpuzamahanga, ahanini rishingiye ku makimbirane n'intambara biri kubera mu Burasirazuba bwo Hagati.

Yanagaragaje kandi ko Guverinoma ikomeje gutanga nkunganire mu rwego rw'ingufu kugira ngo igabanye ingaruka z'izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli ku baturage, by'umwihariko abakoresha imodoka zitwara abagenzi mu buryo bwa rusange, mu rwego rwo gukomeza kurinda abaturage izamuka rikabije ry'ibiciro by'ingendo n'ibindi bicuruzwa.

Biteganyijwe ko nyuma yo kwemeza uwo mushinga w'itegeko rigenga ingengo y'imari, uzasuzumwa na komiso y'Abadepite bafite mu nshingano ingengo y'imari n'umutungo bya Leta ndetse kandi ukazatangwaho ibitekerezo n'Abasenateri.

# Ubwitabire muri e-Indangamuntu burenze 90%

**NYIRANEZA Judith**

***Ubwitabire mu kwiyandikisha muri sisitemu y'Indangamuntu Koranabuhanga (e-Indangamuntu) iratanga icyizere kuko mu Ntara abaturage bamaze kwitabira bageze ku gipimo cya 98% nk'uko byatangajwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC).***

Muvunyi Prince ushinzwe irangamimerere muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, yavuze ko aho abantu bitabiriye gahunda yo kwiyandikisha muri sisitemu e-Indangamuntu mu Mujyi wa Kigali byageze kuri 98% mu gihe mu Ntara y'Iburasirazuba ariho hagezweho hari abo byarenze 100% kandi n'aho ibikorwa bikomeje bitanga icyizere ko muri rusange bizagera kuri 98%.

Yagize ati: "Abaturage baritabira sisitemu barayumvise, twatangiriye mu Turere dutandatu tw'Intara y'Amajyepfo ukuyemo Nyamagabe na Nyaruguru, utundi twose twaradukoreye twarangije turi ku kigero kirenga 75% by'abakorewe Indangamuntu Koranabuhanga, nyuma twakomereje mu Mujyi wa Kigali ubungubu turi kuri 98,2% by'abitabiriye Indangamuntu Koranabuhanga."

Yagaragaje ko mu Ntara y'Uburasirazuba bitabiriye birenze ibyari byitezwe kuko hari n'aho igipimo cyarenze 100. Ati: "Mu Ntara y'Uburasirazuba, mu Turere twatangiriyemo turimo Bugesera, Ngoma na Kirehe. Muri Bugesera turi ku 101% yabo twatekerezaga kubera yuko Intara y'Uburasirazuba hari abaturage baza bahatura benshi, bigatuma ku mibare twatekerezaga gukoreraho yararenze.

Muri Kirehe turi kuri 98%, Umuturage aho ageze hose, aho ari hose aho indangamuntu koranabuhanga igeze arahifotoreza bigatuma wa mubare twari dufite hazamo kurenga nka Bugesera twavugaga, e-Indangamuntu aho igeze, uhageze arahibaruriza."

Muvunyi yasobanuye ko muri rusange imibare babona itanga icyizere ko igipimo kizagera kuri 98%. Ati: "Muri Ngoma turi hejuru ya 95%, ubu mu Turere twakurikiyeho ni Kayonza, Gatsibo na Rwamagana, naho kugeza ubu turi ku kigero kiri hejuru ya 50% cy'abamaze gukorerwa byerekana ko no mu Ntara y'Iburasirazuba bitanga icyizere ko na ho bigaragara ko bizarangira turi kuri

KOMEZA KU RUP.9

# Ubwitabire muri e-Indangamuntu burenze 90%

IBIKURIKIRA URUP.8

98%."

Indangamuntu Koranabuhanga ikoranywe ikoranabuhanga riteye imbere kuko ijyanye n'aho Isi yerekera ikoranabuhanga rigenda rizamuka, ritera imbere ugereranyije n'ibihe twari turimo mu myaka yashize.

Muri Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2), biteganyijwe ko gukoresha ikoranabuhanga bizaba biri ku kigero cya 90% mu gushyira serivisi zihabwa abaturage mu ikoranabuhanga.

Neza Edith warangije kwiyandikisha, yabwiye Imvaho Nshya ko iyo sisitemu ari nziza kuko umuntu atazongera gutakaza indangamuntu, kandi serivisi zitandukanye zitazajya zisaba kugendana impapuro. Yagize ati: "Indangamuntu koranabuhanga izadufasha cyane twe nk'abakuze bizadufasha kutajya tugenda dusize ibyangombwa twabyibagiwe. Ikoranabuhanga ni ryiza."

Umugwaneza Annette ushinzwe ubukangurambaga mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Indangamuntu (NIDA), yasobanuye ko Indangamuntu Koranabuhanga yubakwa nk'urufunguzo umuturage azifashisha kugira ngo agere kuri serivizi zitandukanye kandi mu buryo bwihuse, umuntu akayihabwa aho ari hose, kandi uri muri iyo sisitemu icyo akeneye cyose akibone kandi akibonere ku gihe.




**Kwiyandikisha muri gahuda y'indangamuuntu Koranabuhanga (e-Indangamuntu) byarenze 90%**

---

MUTETERAZINA Shifah

# Abasaga 40 000 bagiye kwigishwa ikoranabuhanga rikenewe mu burezi

***Abantu barenga ibihumbi 40 barimo abanyeshuri, abarimu n'abandi bakeneye ubumenyi bw'ikoranabuhanga mu burezi, biteganyijwe ko bazahugurwa mu gihe cy'amezi 18 ari imbere binyuze mu mushinga mushya ugamije guteza imbere ikoranabuhanga mu burezi watangijwe ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye.***

Ibi byatangajwe ku wa 11 Kamena 2026 ubwo Ishami ry'Ikoranabuhanga mu Rugaga rw'Abikorera mu Rwanda (ICT Chamber) ryatangizaga ku mugaragaro icyiciro cya mbere cy'umushinga wa Mastercard Foundation EdTech Fellowship, hanamurikwa kompanyi umunani zatoranyijwe kugira ngo zigire uruhare mu guteza imbere ikoranabuhanga mu burezi.

Uyu mushinga ugamije gushyigikira ibigo n'amasosiyete asanzwe akora ibikorwa byo kwigisha no guhugura abantu mu by'ikoranabuhanga, kugira ngo arusheho kongera ubushobozi no kugeza serivisi zayo ku bantu benshi hirya no hino mu gihugu.

Muri kompanyi zirenga 200 zari zasabye kwinjira muri uwo mushinga, umunani ni zo zatoranyijwe hashingiwe ku bunararibonye bwazo mu gutanga ubumenyi bw'ikoranabuhanga no guteza imbere uburezi bushingiye ku ikoranabuhanga.

Umuyobozi wa ICT Chamber, Alex Ntale, yavuze ko intego nyamukuru ari ukwagura amahirwe yo kubona ubumenyi bw'ikoranabuhanga no kugera ku bantu benshi mu gihugu.

Ati: "Twahisemo ziriya kompanyi umunani kuko zari zisanzwe zihari, zikora kandi zigisha abazigana niyo mpamvu twazihisemo, kandi twizeye ko hagati y'amezi 6 na 18 azakoreshwa mu gihe cy'igeragezwa ry'umushinga nibura abiga ibihumbi 40 bazaba baramaze kugerwaho n'izo kompanyi kuko bafite inararibonye mu byo bazaba bakora."

Ntale yavuze ko izo kompanyi zizahabwa ubufasha butandukanye burimo inkunga y'amafaranga, ubujyanama n'ubumenyi bwa siyansi, ndetse zigafashwa kugera ku mashuri n'abanyeshuri bakeneye serivisi zitanga.

Ati: "Twafashe kompanyi zisanzwe ziri mu burezi bw'ikoranabuhanga kuko twabonaga ko hari izindi ngufu zikeneye kongererwa byaba mu mafaranga cyangwa mu bumenyi bwa siyansi aho bazajya bafashwa na kaminuza yitwa CNU kugira ngo ibikorwa byabo bigire ireme."

Bamwe mu bayobozi b'izo kompanyi bavuga ko uyu mushinga uzabafasha kwagura ibikorwa byabo no kugera ku bantu benshi kurushaho.

Uwizeyimana Vivens, washinze kompanyi ya Jobra ifasha urubyiruko kubaka ubunararibonye binyuze mu ikoranabuhanga, yavuze ko kimwe mu bibazo bahuraga na byo ari ukugera ku bakenera serivisi batanga.

Ati: "Nk'abantu dutanga urubuga ku rubyiruko ngo bimenyereze imyuga barimo biciye mu ikoranabuhanga bakiri ku ishuri, ikintu gikomeye tuzakuramo ni ukubona abo twigisha mu buryo bworoshye kuko bizatworohera gukorana n'ibigo by'amashuri binadufashe kugeza serivise zacu ku bantu benshi mu gihe gito."




**Biteganyijwe ko abasaga 40 000 barimo abanyeshuri, abarimu n'abandi bakeneye ubumenyi bw'ikoranabuhanga mu burezi bazahugurwa**

Ku ruhande rwa Hirwa Aurore uyobora kompanyi ya Edtech Solution Training Center, yavuze ko inkunga bazahabwa izabafasha kugeza ibikorwa byabo no mu bice by'icyaro n'ahandi byari bitaborohera kugeramo.

Ati: "Tugiye gushobora kugera ku bantu bari hanze ya Kigali, abari mu bice by'icyaro, mu nkambi z'impunzi, abafite ubumuga, kuko byatugoraga kubageraho ariko ubu tuzajya dufashwa kubageraho n'ikizere cyacu kuri bo kiyongereye."

Uyu mushinga uzashyirwa mu bikorwa na ICT Chamber ku bufatanye na Mastercard Foundation ndetse na za kaminuza mpuzamahanga zizafasha izi kompanyi kunoza gahunda zazo no gutanga uburezi bw'ikoranabuhanga bufite ireme.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi, Irere Claudette, yavuze ko ikoranabuhanga rikomeje kuba inkingi ya mwamba mu kuvugurura uburezi bw'u Rwanda no gutegura urubyiruko ruzahangana ku isoko ry'umurimo rishingiye ku bumenyi.

Ati: "Mu gihe u Rwanda rukomeje guteza imbere uburezi, ikoranabuhanga ni inkingi ikomeye, mu gihe dukomeje urwo rugendo rw'ikurikiranabumenyi mu burezi bw'ikoranabuhanga ruzafasha kugera ku ntego."

Minisiteri y'Uburezi yijeje ko izakomeza gushyigikira uwo mushinga, aho bibaye ngombwa ko itanga ubujyanama muri iyo politiki izatanga uwo musanzu.

Uyu mushinga uje ushyigikira intego z'u Rwanda zo kuba igihugu gishingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga nk'uko bikubiye mu Cyerekezo 2050, aho biteganyijwe ko abaturage benshi bazaba bafite nibura ubumenyi bw'ibanze mu ikoranabuhanga bitarenze umwaka wa 2035.

# Ibiciro ku isoko mu Rwanda byiyongereyeho 12,3% muri Gicurasi 2026



Ibiciro ku isoko mu mijyi no mu byaro, byiyongereyeho 12,3% muri Gicurasi 2026

KAMALIZA Agnes

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyatangaje ko ibiciro ku isoko mu Rwanda, mu mijyi no mu byaro, byiyongereyeho 12,3% muri Gicurasi 2026, ugereranyije n'ukwezi nk'uko kwa 2025, mu gihe mu kwezi kwa Mata 2026, iri zamuka ryari ku kigero cya 11,5%.***

Raporo yashyizwe ahagaragara ku wa 10 Kamena 2026 igaragaza ko iryo zamuka ryatewe ahanini n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye ryageze kuri 7,6%, ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongera ku kigero cya 14,2%, mu gihe ibiciro by'inzu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 21,8%.

NISR kandi igaragaza ko ibiciro by'ubwikorezi byiyongereyeho 28%, na ho ibiciro by'amafunguro n'icumbi bizamukaho 15,1%.

Ugereranyije Gicurasi 2026 na Mata 2026, ibiciro byiyongereyeho 0,6%. Iri zamuka ryatewe cyane cyane n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,9%.

### Ibiciro mu mijyi

NISR ivuga ko mu mijyi ibiciro byiyongereyeho 12,9% muri Gicurasi 2026 ugereranyije n'ukwezi nk'uku kwa Gicurasi 2025, mu gihe muri Mata 2026 byari byiyongereyeho 13%.

Iri zamuka ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 6,2%, ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongera ku kigero cya 16,1%, ndetse n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 19,4%.

Iyo Raporo igaragaza kandi ko ibiciro by'ubuvuzi byiyongereyeho 71,6%, iby'ubwikorezi byiyongera ku kigero cya 24,5%, mu gihe ibiciro by'amafunguro n'icumbi byazamutseho 16,6%.

Ugereranyije Gicurasi 2026 na Mata 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 0,5%, ahanini bitewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye ryageze kuri 0,9% ndetse n'ibiciro by'ubwikorezi byiyongereyeho 1,1%.

NISR ivuga kandi ko ugereranyije Gicurasi 2026 na Gicurasi 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 12%.

### Ibiciro mu byaro

Mu bice by'icyaro, ibiciro byiyongereyeho 11,8% muri Gicurasi 2026 ugereranyije na Gicurasi 2025, mu gihe muri Mata 2026 byari byiyongereyeho 10,6%.

Mu byagize uruhare muri iri zamuka harimo ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 8,1%, ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongera ku kigero cya 13,3%, ndetse n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 23,8%.

Ibiciro by'ubwikorezi byiyongereyeho 39,5%, naho ibiciro by'amafunguro n'icumbi byazamutseho 13,3%. Ugereranyije Gicurasi 2026 na Mata 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 0,7%, aho iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 1%.

# IMF yemereye u Rwanda inguzanyo y'asaga miliyari 364 Frw

ZIGAMA Theoneste

***Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF/ FMI), cyatangaje ko Inama y'Ubutegetsi bwacyo yemeje ubusabe bw'u Rwanda bwo guhabwa inguzanyo ya miliyoni 250 z'amadolari ya Amerika, ni asaga miliyari 364,2 z'amafaranga y'u Rwanda).***

Iyo nguzanyo izamara amezi 38, ni ukuvuga imyaka itatu n'amezi abiri, ikaba igamije gufasha u Rwanda guhangana n'ingaruka z'ihungabana ry'ubukungu ku rwego mpuzamahanga, no gukomeza inkunga y'amafaranga ashyirwa mu mibereho myiza y'abaturage ndetse n'iterambere ry'Igihugu.

Mu itangazo IMF yashyize ahagaragara ku ya 8 Gicurasi 2026, yavuze ko yemeje iyo gahunda nshya y'inguzanyo ndetse inemerera u Rwanda guhita ruhabwa miliyoni 35,7 z'amadolari ya Amerika (miliyari 52 Frw) nk'icyiciro cya mbere.

IMF yavuze ko ubukungu bw'u Rwanda bwitwaye neza mu mwaka wa 2025, aho izamuka ryabwo ryageze kuri 9,4%, rikaba ryararenze ibyari byitezwe. Icyakora, yavuze ko intambara iri mu Burasirazuba bwo Hagati ishobora kudindiza iterambere ry'ubukungu mu mwaka wa 2026, aho biteganyijwe ko umuvuduko waryo uzagera munsi ya 6,8%.

Iyo ntambara kandi yatumye ibiciro bya peteroli n'ifumbire ku rwego mpuzamahanga bizamuka, ibintu IMF ivuga ko biri kongera umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ku masoko no gushyira igitutu ku ngengo y'imari ya Leta. Umuyobozi Wungirije wa IMF, Bo Li, yavuze ko ubukungu bw'u Rwanda bushobora guhura n'ingaruka zikomeye kurushaho mu gihe kiri imbere.

Yasabye ubuyobozi bw'u Rwanda gukomeza gushyira imbaraga mu kugabanya icyuho cy'ingengo y'imari, kongera uburyo igihugu cyinjiza amafaranga, no kunoza igenzura ry'imikoreshereze y'imari ishorwa mu mishinga ya Leta n'izindi ngaruka zishobora guturuka ku micungire y'imari ya Leta.

Bo Li yongeyeho ko ingamba zigamije kugabanya ingaruka z'intambara ku bukungu zigomba kuba ziteguwe neza, ari iz'igihe gito kandi zijyanye n'ubushobozi bw'ingengo y'imari igihugu gifite.

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), ihamya ko iyo nguzanyo yitezweho gushyigikira imbaraga u Rwanda rushyira mu gukomeza gukora amavugurura y'ubukungu, ukwigengesera mu gucunga umutungo, kongera kubaka imbago z'urwego rw'imari zikomeye ndetse no guhangana n'ingaruka z'intambara yo mu Burasirazuba bwo Hagati.



Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari cyemereye u Rwanda inguzanyo ya miliyarii zisaga 364 Frw azishyurwa mu myaka 3 n'amezi 2

# U Rwanda ruzakira inama ku kurengera uburenganzira bwa muntu no gukumira iyicarubozo




Biteganyijwe ko Inama ya 4 y'Urwego Nyafurika ku kurengera uburenganzira bwa muntu no gukumira iyicarubozo izabera i Kigali

NYIRANEZA Judith

*Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu (NCHR), yatangaje ko u Rwanda rwahawe kwakira Inama ya 4 y'Urwego Nyafurika ku kurengera uburenganzira bwa muntu ndetse no gukumira iyicarubozo (African National Preventive Mechanisms Network: ANPMN), izaba kuva ku itariki ya 24-26 Kamena 2026. Iyo nama izaba ifite insanganyamatsiko igira iti: 'Abagore n'abana bafunzwe: Uburyo bwo gukurikirana ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'uburenganzira bw'Abana'.*

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, yatangaje ko iyo nama izitabirwa n'inzego z'ibihugu zishinzwe uburenganzira bwa muntu, abayobozi mu nzego za Leta, inzego zishinzwe imfungwa/abagororwa, imiryango mpuzamahanga n'abafatanyabikorwa mu iterambere, n'impuguke zikora mu bijyanye n'uburenganzira bwa muntu, sosiyete sivile n'abandi baturutse muri Afurika no hanze yayo.

Iyi nama igamije gushimangira ubufatanye mu Karere no guhanahana ubunararibonye n'uburyo bushya bwo gukumira iyicarubozo n'ibindi bikorwa by'ubugome byibasira inyoko muntu, bidakwiriye cyangwa bitesha agaciro abagore n'abana, bikabuza guhabwa uburenganzira bwabo.

Abagore n'abana bafunzwe bakunze guhura n'ibibazo byihariye bisaba ingamba zihamye zo kubarinda no kubarengera. Abazitabira inama bazahabwa urubuga rwo kuganira ku bibazo, bungurane ibitekerezo, banasuzume kandi bashyireho ingamba zifatika zo guteza imbere uburyo bwo gukurikirana imfungwa mu buryo bujyanye no kubahiriza uburenganzira bw'abagore n'ubw'abana.

Providence Umurungi, Umuyobozi wa UNCHR, agaruka ku kamaro k'iyi nama yavuze ko ari umwanya mwiza wo wo kwigira hamwe no gusangira ubunararibonye mu rwego rwo kwita ku burenganzira no kurwanya iyicarubozo ku bantu baba bafunzwe.

Yagize ati: "Iyi nama ihuza izindi nzego zishinzwe uburenganzira bwa muntu hirya no hino ku mugabane, zifite inshingano zihariye zo gukumira iyicarubozo n'ihohoterwa ahantu nk'abantu baba bagororwa hari aho usanga badafite uburenganzira busesuye."

Akomeza agira ati: "Ibyo bitanga amahirwe yo gufatanya no kwigira hamwe, bikaba urubuga rwo gushimangira uburyo bwo kugenzura, gukumira, gusangira ubunararibonye n'imikorere myiza, kongera imbaraga mu gukumira iyicarubozo n'ubundi buryo bwo guhohoterwa ahantu habuze umudendezo muri Afurika, hakurikijwe amahame mpuzamahanga n'ay'Akarere ku burenganzira bwa muntu."

U Rwanda rwakiriye iyi nama kandi rwongeye kwemeza ko rwiyemeje guteza imbere no kurinda uburenganzira bwa muntu, gushimangira uburyo bwo kubahiriza inshingano, no guteza imbere ingamba zo gukumira iyicarubozo n'ubundi buryo bwo gukurikirana. Imyanzuro y'iyo nama yitezweho kugira uruhare mu bufatanye buhamye haba mu karere no mu nama zigamije kunoza uburyo abagore n'abana bafungiye muri Afurika yose barengerwa.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ni ikigo cyigenga gifite inshingano zo guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu mu Rwanda. Nk'u Rwanda, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Gukumira Ihohoterwa (NPM), Komisiyo isura ku buryo buhoraho ahantu hafungiwe abantu, ikita mu bikorwa bigamije gukumira iyicarubozo n'ibindi bikorwa bibi hakurikijwe amahame y'uburenganzira bwa muntu ku rwego rw'Igihugu, Akarere na Mpuzamahanga.

# U Bufaransa: Hategekimana yahamijwe icyaha cya Jenoside akatirwa igifungo cya burundu



Philippe Hategekimana wahoze ari umujandarume mukuru muri Leta yakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahamijwe igifungo cya burundu bidasubirwaho

ZIGAMA Theoneste

*Umunyarwanda wahawe ubwenegihugu bw'u Bufaransa, Philippe Hategekimana uzwi cyane ku izina rya Biguma, akaba yari umujandarume mukuru muri Leta yakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahamijwe mu buryo budasubirwaho igifungo cya burundu n'urukiko rusesa imanza rwo mu Bufaransa nyuma y'uko ubujurire bwe bwanzwe.*

Hategekimana w'imyaka 69 y'amavuko yari yakatiwe igifungo cya burundu mu 2023 n'Urukiko rwa Assises rwa Paris, icyemezo yahise ajuririra mu rubanza rw'ubujurire rwatangiye umwaka wakurikiyeho.

Urukiko rwari rwamuhamije ibyaha bya Jenoside n'ubufatanyacyaha mu byaha byibasiye inyokomuntu, bifitanye isano n'ubwicanyi bwakorewe mu duce twa Nyanza, Nyabubare, Nyamure, Ntyazo ndetse no muri ISAR Songa mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Urukiko rwemeje ko yayoboye imitwe y'abapolisi yagize uruhare mu kwica Abatutsi ndetse ko yanakoranye na bo n'Interahamwe mu kugaba ibitero no gushyiraho za bariyeri zakorerwagaho ubwicanyi.

Yanahamijwe kandi uruhare mu iyicwa rya Narcisse Nyagasaza wari Burugumesitiri wa Komini Ntyazo, ndetse n'umupolisi Pierre Nyakarashi.

Nyuma yo guhungira mu Bufaransa, yabayeho yarahinduye amazina akoresheje umwirondoro wa Philippe Manier, ahabwa ubuhunzi, akora akazi ko gucunga umutekano muri kaminuza yo mu mujyi wa Rennes, mbere yo guhabwa ubwenegihugu bw'u Bufaransa mu 2005.

Nyuma y'uko ubujurire bwe bwanzwe, Philippe Hategekimana abaye umuntu wa gatanu uhamijwe burundu n'inkiko zo mu Bufaransa ibyaha bifitanye isano na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu Banyarwanda bake bamaze guhamywa mu buryo bwa burundu n'inkiko z'u Bufaransa ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi, barimo Pascal Simbikangwa, Tito Barahira, Octavien Ngenzi na Laurent Bucyibaruta.

Pascal Simbikangwa yakatiwe imyaka 25 y'igifungo ahamijwe ibyaha bya Jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu. Ni we Munyarwanda wa mbere waburanishijwe kandi ahamywa n'inkiko z'u Bufaransa muri dosiye y'ibyaha bya Jenoside.

Tito Barahira hamwe na Octavien Ngenzi mu rubanza rwabereye mu Bufaransa bakatiwe igifungo cya burundu. Laurent Bucyibaruta yakatiwe imyaka 20 y'igifungo nyuma yo guhamwa n'ubufatanyacyaha muri Jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu. Ni mu gihe Sosthène Munyemana we yakatiwe imyaka 24 y'igifungo nyuma yo guhamwa n'uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu gihe cya vuba kandi aho mu Bufaransa, Eugène Rwamucyo biteganyijwe ko azaburanishwa mu bujurire nyuma yo gukatirwa imyaka 27 y'igifungo ahamijwe uruhare rwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# Imbuto zifite ubuziranenge ni ishingiro ry'iterambere ry'ubuhinzi mu Rwanda - Dr. Uwituze

ZIGAMA Theoneste

***Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Uwituze Solange, yavuze ko u Rwanda rwemera ko imbuto zifite ubuziranenge ari zo nkingi y'ingenzi mu guhindura no guteza imbere urwego rw'ubuhinzi, ashimangira ko nta musaruro ushimishije, umutekano w'ibiribwa cyangwa ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe byagerwaho hatabayeho gukoresha imbuto nziza.***



Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Uwituze Solange, ashimangira ko imbuto nziza ari yo inatanga umusaruro mwiza

Ibi yabigarutseho i Kigali, ku itariki ya 11 Kamena 2026, mu Nama yahurije abayobozi, impuguke n'abafatanyabikorwa b'urwego rwo guteza imbere imbuto nziza mu Rwanda, mu rwego rwo kwizihiza imyaka 20 Umuryango Nyafurika Uharanira Iterambere ry'Ubuhinzi (AGRA) umaze ushyigikira iterambere ry'ubuhinzi muri Afurika.

Dr Uwituze yavuze ko AGRA yagize uruhare rukomeye mu guteza imbere urwego rw'imbuto mu Rwanda, binyuze mu guhugura abahanga b'Abanyarwanda bafite impamyabumenyi zihanitse (Master's na PhD) mu bijyanye no guteza imbere amoko y'ibihingwa ndetse na sisiteme z'imbuto.

Yakomeje avuga ko AGRA yanashyigikiye ibigo bitubura imbuto binyuze mu nkunga z'amafaranga n'ubufasha bwa tekiniki, ndetse ikagira uruhare mu kuvugurura politiki n'amategeko bigenga uru rwego no gukurura ishoramari riruteza imbere.

Dr Uwituze yavuze ko izi gahunda zose zagize uruhare mu kubaka urwego rw'imbuto rugezweho, ruhatana ku isoko kandi rwita ku bikenerwa n'abahinzi.

Ati: "U Rwanda rwemera ko imbuto zifite ubuziranenge ari zo shingiro ry'iterambere ry'ubuhinzi. Hatari imbuto nziza, ntibishoboka kugera ku musaruro mwinshi, guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, kugera ku mutekano w'ibiribwa no guteza imbere ubucuruzi bushingiye ku buhinzi."

Yagaragaje ko u Rwanda rwateye intambwe ishimishije mu korohereza abahinzi kubona imbuto z'indobanure n'ikoranabuhanga rigezweho, ndetse ko kimwe mu byagezweho bikomeye ari ukugabanya cyane imbuto zitumizwa hanze ku bihingwa by'ingenzi.

Ati: "Uyu munsi, abatunganya imbuto bo mu gihugu batanga igice kinini cy'imbuto zikenewe ku bihingwa byatoranyijwe nk'iby'ingenzi, ibintu bigaragaza ko urwego rw'imbuto mu Rwanda rugenda rukura kandi rugakomera."

Nubwo bimeze bityo, yavuze ko Afurika ikiri inyuma ku isoko mpuzamahanga ry'imbuto rifite agaciro ka miliyari 85 z'amadolari ya Amerika ku mwaka, aho umugabane wa Afurika ufitemo gusa 2.2%.

Yasobanuye ko ibi bidaterwa no kubura ubushobozi, ahubwo biterwa n'ibibazo birimo ubuziranenge bw'imbuto butaragera ku rwego rwifuzwa, amasoko adakora mu buryo buhamye, ishoramari ridahagije ndetse no kutubahiriza bihagije ibipimo mpuzamahanga.

Ati: "Kugira ngo Afurika igire uruhare rukomeye mu bukungu mpuzamahanga bw'imbuto, tugomba gukomeza kubaka inzego zikomeye, kuvugurura amategeko n'amabwiriza, kwihutisha udushya no kubaka sisiteme z'imbuto zizewe ku rwego mpuzamahanga."

Yavuze ko ari muri urwo rwego u Rwanda rwihaye intego yo kuba ihuriro ry'akarere mu gutunganya, gupima, kwemeza no gucuruza imbuto.

Ati: "Intego yacu ni uguhindura u Rwanda ihuriro ry'akarere mu gutunganya imbuto, kuzipima ubuziranenge, kuzemeza no kuzicuruza."

Uhagarariye AGRA mu Rwanda, Ndagijimana Jean Paul, yavuze ko muri Afurika y'Iburasirazuba, muri Afurika no ku Isi hacuruzwa imbuto nziza zikorerwa mu Rwanda, aho ubu AGRA ikomeje gushora imari mu mishinga y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) na RICA, mu gushyigikira gahunda yo gutunganya imbuto nziza bityo bigafasha u Rwanda, kugira izifite ubuziranenge bukenewe ku isoko mpuzamahanga.

Ati: "Ni yo mpamvu twashyigikiye Guverinoma y'u Rwanda kugira ngo ibe umunyamuryango wa ISTA (International Seed Testing Association), umuryango mpuzamahanga ushinzwe kugenzura no kwemeza ubuziranenge bw'imbuto, n'uw'Umuryango w'Ubukungu n'Ubufatanye mu Iterambere (OECD).

Kwinjira muri iyi miryango mpuzamahanga byafashije u Rwanda kumenyekana muri Afurika no ku rwego mpuzamahanga mu rwego rw'imbuto zifite ubuziranenge."

Uwo muyobozi yashimangiye ko mu Rwanda, mu mwaka wa 2017 abahinzi bakoreshaga imbuto z'indobanure bari munsi ya 20%, ariko ubu umubare wabo umaze kugera hafi kuri 50%, bikaba ari ikimenyetso cyiza cyerekana ko atari ugutuma imbuto z'indobanure ziboneka gusa, ahubwo ko n'abahinzi bamaze gusobanukirwa akamaro n'inyungu zo kuzikoresha.

Yongeyeho ko hari abahinzi bamaze kubona umusaruro wikubye inshuro eshatu ndetse n'ababashije kubona amasoko yo kugurishamo umusaruro wabo, bitewe no gukoresha imbuto z'indobanure.

Yakomeje avuga ko AGRA yakoranye n'abacuruzi benshi mu guteza imbere uburyo bwo gufata neza umusaruro nyuma yo kuwusarura no kuwutunganya uko bikwiye. Yavuze kandi ko hashyizweho gahunda zitandukanye bafatanyije n'abikorera kugira ngo umusaruro w'ubuhinzi urusheho kuba mwiza kandi ubashe guhatanira amasoko.




Abayobozi n'abashakashatsi baganiriye ku buryo bwo guteza imbere ubutubuzi bw'imbuto nziza

Yagize ati: "Twakoranye n'abacuruzi benshi mu kunoza uburyo bwo gufata neza imyaka nyuma y'isarura no kuyibika no kuyitunganya neza. Twashyizeho kandi gahunda zitandukanye dufatanyije n'abikorera. Uyu munsi, hafi 90% by'ibigori byose bihingwa mu Rwanda byujuje ubuziranenge busabwa ku isoko, ku buryo bishobora kugurishwa n'ibigo bikomeye bisaba umusaruro wujuje ibisabwa."

# Gatsibo- Kiramuruzi: Ubwatsi bwiza bwakuye umukamo kuri Litiro 1,5 ugera ku 10



Kuva Ngendahayo yatangira guhinga ubwatsi akagaburira neza inka ze, umukamo wavuye kuri Litiro 1,5 ugera kuri Litiro 10



Ubwatsi butandukanye bufasha kunoza imirire, umukamo ukiyongera



Ngendahayo Ismael ahamya ko guhinga ubwatsi byatumye umukamo uzamuka, inka yakamwaga Litiro 1,5 igeza ku 10

**NYIRANEZA Judith**

***Umufashamyumvire mu bworozi Ngendahayo Ismael wo mu Mudugudu wa Bushenyi, Akagali k'Akabuga mu Murenge wa Kiramuruzi, Akarere ka Gatsibo akaba ari umuhinzi w'umwuga, uhinga ubwatsi bugaburirwa amatungo akanatubura imbuto, ahamya ko kugaburira neza inka ubwatsi buzongerera umukamo byatumye umukamo w'inka yakamwaga Litiro 1,5 ubu isigaye ikamwa izirenga 10.***

Uwo muhinzi yavuze ko ahinga ubwatsi bw'amoko menshi abifashijwemo n'umushinga wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, ugamije kuvugurura icyororo no kuzamura umukamo. Yagize ati: "Mpinga ubwatsi butanga umukamo mbifashijwemo na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, mu kigo cyayo RAB, ibinyujije mu mushinga ugamije guteza imbere ubworozi, RDDP2. Mpinga Chloris gayana, brancaria, panicum, urubingo cacamega, mucuna, desimodiyumu, urubingo napier 112. "

Ndengahayo yasobanuye ko nyuma yo guhinga ubwatsi akanagabura neza inka ze, kuko aziha ubwatsi bukungahaye ku byubaka umubiri n'ibitera imbaraga, bituma kuri ubu zitanga umukamo. Ati: "Aya moko akora ku bintu 2, ari na byo byankundishije guhinga ubu bwatsi ubusanzwe twajyaga duhinga ubwatsi bw'ubwoko bumwe kubera ubumenyi buke, ariko umushinga RDDP ugenda utwongerera ubumenyi bw'uko ubwatsi bumwe budashobora gutanga umusaruro. Inka igomba kugira ibyubaka umubiri n'ibitera imbaraga."

Akomeza agira ati: "Mbere Inka yakamwaga hagati ya Litiro 1 na 1,5 nayigaburiraga ibitera imbaraga gusa, none ubu ikamwa arenga Litiro 10 kuko ibyo nzigaburira hiyongereyeho ibyubaka umubiri." Asobanura ko kuba yarahisemo guhinga ubwatsi ari uko yari afite ikibazo cyo kubona ubwatsi agaburira inka, kandi ko kuba yarongerewe ubumenyi, ari kimwe mu byamufashije guhindura imyumvire, akagabura ubwatsi ku gipimo gituma inka zitanga umukamo mwiza n'amafaranga.

Yagize ati: "Iyo ufata ibinyampeke (ibigira ingingo byose birimo Caca mega, Chloris, ...) ari byo bitera imbaraga kuri 75% n'ibinyamisogwe kuri 25% birimo za mucuna, poroteyini zikiyongeraho ari byo byubaka umubiri, byizamura umukamo."

Ndengahayo yagaragaje iyiza cy'ubwatsi ko atari ukubona umukamo gusa ngo banywe amata, ahubwo anabinjiriza amafaranga. Ati: "Ubwatsi natangije umurama utagaragara tubona ari ibintu bisuzuguritse mu 2020, baje kutwigisha ko iyo mbuto tugomba kuyifata neza, twagiye mu matsinda yo gutubura imbuto, ubu ni bwo turimo kugera ku Frws, nahereye ku buso bwa metero 20 kuri 20, none ubu ngeze kuri Hegitari 2. Ubwatsi bweze nkagabura bwinjije asaga miliyoni, hanyuma ngurishije nkuramo miliyoni 2, naguzemo inka ya miliyoni n'Indi ya 700 000. Nakuyemo inka ndongera mvugurura imirima."

Ngendahayo agaragaza ko iyo yatangiye gusarura, buri mezi abiri ubwatsi buba bweze, bityo afite gahunda yo gukomeza kwagura ubuso abuhingaho, no kubaka aho yajya abuhunika, akajya abugurisha abandi borozi batabufite, kandi azakomeza gukurikiza inama agirwa mu kunoza ubworozi, inka akazifata neza, ihaka akamenya ibyo igomba kugaburirwa, kuyirinda indwara no kuba iba ahantu heza hasukuye.

Yavuze ko akoresha abakozi 10 bahoraho kandi kugurisha ubwatsi biterwa n'uko isoko ringana, umworozi aherwa ku giciro cyo hasi hakurikijwe ay'igishoro cyagiye ku mbuto ni ukuvuga nibura5000 ku kilo mu gihe ku isoko rigari ubwatsi ikilo kigeza ku 38 000 Frw.

Muyambe Peter wo mu Karere ka Gatsibo, mu Murenge wa Rwimbogo, mu Kagari ka Nyamatete yavuze ko amaze imyaka 2 ahinga ubwatsi kandi byatumye amatungo abona ubwatsi, umukamo uriyongera. Yagize ati: "Maze imyaka ibiri mpinga ubwatsi bw'amatungo, natangiriye ku buso bwa ½ cya Hegitari none maze kugera kuri Hegitari 4,5 kuko ari bwo butanga umusaruro kurusha kurisha. Burahunikwa ukagabura ku zuba, ukagabura mu mvura, hari ikiyongereyeho. Kera tutarajya mu guhinga ubwatsi, inka zakamwaga Litiro imwe, ebyiri se, ariko ubu nahinze ubwatsi inka igeza kuri Litiro 15. Ubwumye kandi ni bwo butanga umukamo mwinshi."

Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Sekanyange Jean Leonard yashimangiye akamaro k'ubwatsi mu kongera umukamo. Yagize ati: "RDDP ni umushinga ufasha mu kongera inka zitanga umukamo no gufasha guhindura imibereho y'abaturage kugira ngo bagire ubuzima bwiza, ufasha kubona inka nziza zitanga umukamo. Ni umushinga ufasha abaturage kubona inka zitanga umukamo ushimishije zigera ku 150, zarabyaye muri iyi minsi turitegura kwitura, zigiye guhabwa abandi."

Yakomeje asobanura ko ari umushinga ubafasha kubona ubwatsi bw'amatungo, inka zaburaga ubwatsi. Ati: "Twagiraga ikibazo cyo kuba warabonaga inka zitabona ubwatsi butanga umukamo, umushinga uradufasha ngo aborozi bacu n'abatubuzi babuhinge ngo ababukeneye babubone bugufi, ariko ikigamijwe ni ukugira ngo inka zibone ubwatsi hanyuma zikabona umukamo ushimishije.

Abafashamyumvire mu bworozi bahuguwe bagera kuri 56, hanahuguwe aborozi bakabakaba 3 000 bibumbire mu matsinda 143, bahuguwe ku buryo bwa kijyambere butanga umukamo, bakabona amata yo kunywa ndetse n'amafaranga."

RDDP2 ni umushinga ugamije guteza imbere ubworozi bw'inka zitanga umukamo mu Rwanda, wagizwemo uruhare na Leta y'u Rwanda ifatanyije n'Ikigega Mpuzamahanga giteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, IFAD binyuze muri Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ugashyirwa mu bikorwa n'Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB).

# Kwibuka 32: Hanenzwe abaganga muri CHUK bijanditse muri Jenoside ntibarokore ababahungiyeho



Ubuyobozi bw'ibitaro CHUK bwiyemeje kurwanya ivangura iryo ari ryo ryose kandi u Rwanda rwimakaje gusigasira ubuzima

ZIGAMA THEONESTE

***Inzego z'ubuyobozi mu rwego rw'ubuzima mu Rwanda zanenze bikomeye bamwe mu baganga n'abakozi bakoraga mu Bitaro Bikuru bya Kaminuza bya Kigali (CHUK), bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakica abarwayi n'abandi bari bahungiye muri ibyo bitaro bizeye ko ari ahantu h'umutekano n'ubuhungiro.***

Byagarutsweho ku wa Gatanu tariki ya 12 Kamena 2026, mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wabereye muri CHUK.

Muri uwo muhango hibutswe abarwayi, abarwaza, abakozi ndetse n'abandi bantu bari bahungiye muri ibyo bitaro, ariko bakicwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Umuyobozi Mukuru wa CHUK, Dr. Mpunga Tharcisse, yavuze ko ibi bitaro byubakiye ibikorwa byabyo ku ndangagaciro zo kurengera ubuzima bw'abantu bose nta vangura, ashimangira ko ibyo bitandukanye kure n'imyitwarire y'abahoze ari abakozi babyo bagize uruhare muri Jenoside.

Yavuze ko buri munsi abaganga n'abakozi bo muri CHUK baharanira kurokora ubuzima bw'abarwayi no kurwanya urupfu, bityo kwibuka Jenoside bikaba ari umwanya wo kuzirikana amateka mabi igihugu cyanyuzemo no gukomeza kubaka urwego rw'ubuzima rushingiye ku bumuntu.

Yagize ati: "Twibuka abari baje bahungiye hano muri CHUK ariko bahasanga urupfu. Hano buri munsi turwanya urupfu, twita ku buzima bw'abantu nta vangura iryo ari ryo ryose. Kwibuka ni intambwe ikomeye yo guha agaciro buri muntu no kumwitaho tutamurobanura."

Yakomeje avuga ko kuba CHUK ikomeje kwibuka abazize Jenoside ari ikimenyetso cy'uko abayirokotse n'abahakorera batsinze umugambi w'urwango washakaga kubarimbura.

Ati: "Kwibuka si inshingano gusa, ahubwo ni umwanya wo guhagarara hamwe nk'umuryango umwe, tukibuka abatakiri kumwe natwe ndetse tukigira ku mateka mabi ya Jenoside kugira ngo bitazongera ukundi."

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imyigishirize y'Abakozi bo mu rwego rw'Ubuzima muri Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE), Dr Nkeshimana Menelas,, yavuze ko bibabaje kuba hari abaganga n'abandi bakozi bo mu rwego rw'ubuzima batatiye indahiro y'umwuga wabo bakifatanya n'abicanyi, bakica abarwayi n'abandi bantu bari baje gushaka ubuvuzi n'ubuhungiro muri CHUK.

Yashimangiye ko Jenoside yakorewe Abatutsi yagaragaje uburyo urwango rushobora gusenya indangagaciro z'umwuga, asaba abakora mu rwego rw'ubuzima gukomeza kurangwa n'ubunyamwuga, ubumuntu no kurengera ubuzima bw'umuntu wese nta kurobanura.

Yagize ati: "Ibitaro bya CHUK byabayemo amahano ndengakamere kuko Abatutsi bishwe bari bazi ko hari amakiriro. Mu gihe cya Jenoside yakorewe turagaye cyane abaganga babaye ibigwari, bishe bagenzi babo bakoranaga umunsi ku munsi." Yakomeje avuga ko ayo mateka azakomeza yibukwa kugira ngo Jenoside itazasura n'ahandi ku Isi.

Nkeshimana yakomeje avuga ko nubwo urwego rw'ubuzima rwasigaranye abarukoramo bake kuko abenshi Jenoside yari yabahitanye, Leta y'u Rwanda ishyize imbaraga mu kongera umubare w'abaganga ku buryo nibura mu gihe cya vuba abarwayi 1000 bazaba bitabwaho n'abaganga bane, mu gihe kuri ubu bitabwaho n'umuganga umwe gusa.

Yagize ati: "Ubu Leta yacu y'Ubumwe yafashe intego yo kongera umwuga wo kuvura no kwita ku barwayi bashoboye kandi bashobotse byose bikazakorwa mu gihe cy'imyaka ine."

Umuhango wo kwibuka wabaye umwanya wo guha icyubahiro abazize Jenoside bari muri CHUK, no kongera gushimangira umuhigo wo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no kubaka urwego rw'ubuzima rushyira imbere ubuzima n'agaciro ka muntu.

# Ibigo by'amashuri birenga 110 mu Rwanda byahawe ibikoresho bya siporo

KAMALIZA Agnes

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) ku bufatanye na Ambasade y'u Bushinwa mu Rwanda binyuze mu muryango w'u Bushinwa ushinzwe guteza imbere abatuye mu byaro, (China Foundation for Rural Development - CFRD) na Alibaba Group, bahaye ibigo by'amashuri 114 ibikoresho bya siporo birimo imipira yo gukina, amafirimbi, imyambaro n'ibindi bitandukanye hagamijwe guteza imbere siporo mu burezi.***

Ibyo bikoresho byatanzwe ku wa 12 Kamena 2026; ku ikubitiro bikaba byahawe Urwunge rw'Amashuri rwa Camp Kanombe ariko ibigo biri mu Turere icyenda hirya no hino mu Gihugu turimo; Nyarugenge, Bugesera, Rwamagana, Kayonza n'utundi bikaba byose bigomba guhabwa ibikoresho 850 bibumbiye hamwe.

Ibyo bikoresho birimo imipira y'amaguru 3 400, iy'amaboko 3 400, amakona 8 500, amapompo 1 700, imyambaro y'abakinnyi izwi nka 'training vest' 13 600 n'ibindi.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi, Irere Claudette yatangaje ko ubwo bufatanye bugamije guteza imbere siporo mu burezi binyuze mu bigo by'amashuri, bigahabwa ibikoresho byunganira ibyo bari basanganwe hagamijwe gufasha abana gukora siporo no kwiga neza.

Irere ashimangira ko siporo ari umuyoboro mwiza wigishirizwamo n'izindi ndangagaciro kandi mu gihe umwana yazikoze neza n'amasomo ayumva nta nkomyi.

Yagize ati: "Dushyize imbere siporo kandi nta hantu heza ho kuyitangira atari mu mashuri, umwana agatangira kuyimenya no kuyikunda kuko siporo yigisha n'izindi ndangagaciro zitandukanye kandi ntizabangamira indi myigire."

Agaragaza ko u Bushinwa busanzwe ari umufatanyabikorwa mwiza w'uburezi bw'u Rwanda aho abanyeshuri barenga 30 buri mwaka bahabwa buruse zo kujya kwiga muri icyo Gihugu, bagafatanya mu buryo bwo guhanga imirimo no kuyinoza n'ibindi.

Ambasaderi w'u Bushinwa mu Rwanda, Gao Wenqi agaragaza ko ibikorwa nk'ibyo bigamije gushimangira umubano w'u Rwanda n'u Bushinwa umaze imyaka irenga 50 aho ibihugu byombi bifatanya mu nzego nyinshi z'iterambere, ubucuruzi, uburezi, ubuzima n'ibikorwaremezo.

Amb. Gao yemeza ko bizafasha imyigire bidasigana no kuzamura impano z'abanyeshuri. Yagize ati: "Byahoze ari inzozi gufasha Abanyarwanda mu bya siporo hagamijwe kubaka ahazaza, ni byiza ko dufasha abanyeshuri kuko tubifuriza ahazaza heza."

Ubuyobozi bw'Ishuri rya G.S Camp Kanombe bugaragaza ko ibikoresho bahawe byunganira ibyari bisanzwe bihari kandi siporo ari inzira nziza yo gutorezamo abana ikinyabupfura no gufasha mu myigire.

Umuyobozi waryo Umurerwa Jacqueline, yagize ati: "Ni ubundi buryo bwo kwigisha abana kwitwara neza, kwigiria icyizere dutekereza ko bizafasha kandi umuntu ufite umubiri muzima, imitekerereze mizima no kwiga agatsinda birajyana bizafasha mu myigire natwe bidufashe kwigisha no bikunde."

Umurerwa avuga ko bari bafite umupira umwe w'amaboko n'itatu y'amaguru yose igasaranganywa abanyeshuri 1 711

KOMEZA KU RUP.15

# Ibigo by'amashuri birenga 110 mu Rwanda byahawe ibikoresho bya siporo

IBIKURIKIRA URUP.14

ariko iyo bongerewe igiye gusaranganywa bose abana bakine bisanzuye.

U Rwanda ruri mu bihugu bya Afurika bikorana bya hafi n'u Bushinwa haba mu bucuruzi, uburezi, ishoramari n'imigenderanire hagati y'abaturage b'ibihugu byombi.

Ambasade y'u Bushinwa mu Rwanda, iherutse gutangaza ko Abanyarwanda barenga ibihumbi 30 bavuga Igishinwa ndetse umubare w'Abanyarwanda bajya mu Bushinwa wikubye kabiri mu myaka ibiri bitewe n'ibyemezo byo koroshya kubona visa, kwagura imikoranire y'ibihugu byombi.

Mu 2023, Abanyarwanda barenga 3 500 basuye u Bushinwa, uyu mubare mu 2025 ukaba wariyongereye barenga 7 000.



**MINEDUC ku bufatanye na Ambasade y'u Bushinwa na Alibaba Group, bahaye ibigo by'amashuri 114 ibikoresho bya siporo**

# Abagororwa barenga 600 basoje amahugurwa y'Ubumwe n'Ubudaheranwa batashye



**Abasoje igihano biyemeje kujya muri sosiyete bakagira uruhare mu iterambere ry'umuryango n'Igihugu**

**MICOMYIZA Fidele**

***Nyuma y'Imyaka 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ihagaritswe n'Ingabo zari iza RPA- Inkotanyi, abayikoze bagahamwa nayo ndetse bagahabwa n'igihano 'batangiye kugisoza, impungenge zari zisigaye zari imyitwarire bazagira nibagera mu muryango nyarwanda utandukanye cyane n'uwo bahozemo.***

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, MINUBUMWE ifatanyije n'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora, RCS batangije gahunda y'Ubumwe n'Ubudaheranwa, aho abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bazajya bahabwa amahugurwa abategurira gusubira mu buzima busanzwe mu gihe basoje igihano cyabo, aha bigishwa indangagaciro na kirazira, imyitwarire y'Umunyarwanda ukwiriye, aho Igihugu kigeze, n'ibindi bizatuma baba abaturanyi beza ku baturage basanze.

Ayo mahugurwa abaye ku nshuro ya 8 aho abasaga 644 basoje amahugurwa y'Ukwezi yatangiye ku wa 18 Gicurasi kugera ku wa 12 Kamena 2026.

Rutebuka Francois ufite imyaka 77 asoje igihano cy'Imyaka 30 ku bw'Icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yakoze, yashimiye cyane iyi gahunda avuga ko ari ingenzi kuko imyaka yari amaze atari azi uko hanze hameze cyangwa uko yari kuzifata ahageze.

Yagize ati: "Aya mahugurwa ni ingenzi cyane, twize byinshi, twiteguye gufatanya n'abandi kubaka Igihugu, nasabye imbabazi abo nahemukiye kandi rwose narahindutse, ndashimira MINUBUMWE na RCS ku mwanya bafashe bakaduhugura kugira ngo tuzabe abaturage beza kandi ayo mahirwe ntituzayapfusha ubusa."

Abavandimwe n'inshuti bari baje gucyura ababo basoje amahugurwa baganiriye na Imvaho Nshya bayigaragarije amarangamutima yabo.

Mukamana Virginie utuye Kimisagara mu Karere ka Nyarugenge, yaje gucyura se urangije igihano cy'imyaka 19, yagize ati: "Ni ukuri ndishimye cyane pe, kubona data asoje igihano cye ndetse akaba yaranahuguriwe kubana neza n'abandi, birashimishije cyane yansize nkiri muto nkiga, none agarutse narabaye umubyeyi w'abana bane, birashimishije cyane kongera kubona umuryango wuzuye."

Yakomeje avuga ko baticaye gusa ngo baterere agati mu ryiyo ahubwo bakomeje kwegera umuryango yahemukiye, basabye imbabazi, bariyunze ndetse babanye neza, yashimiye Leta yafashije umubyeyi wabo guhinduka ndetse yizeza ko bazakomeza kumuba hafi kugeza yisanze mu muryango nyarwanda.

Kankesha Philomène utuye mu Murenge wa Nduba mu Karere ka Gasabo, wari waje gucyura Musaza we usoje igihano cy'imyaka 19 ku cyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi, yavuze ko bashimishijwe cyane no kubona umuvandimwe wabo asoje igihano kuko yari amukeneye cyane ngo bubake umuryango wabo ndetse n'umuryango nyarwanda.

Yagize ati: "Ni ibyishimo kuri njye, ku muryango nyarwanda, ndetse no ku gihugu, amaboko ye nari nyakeneye ngo twubake umuryango wacu, umuryango wari umukumbuye cyane pe, iyo umuvandimwe wawe ari mu igororero yarakoze Jenoside, nawe uba ufite ipfunwe, natwe byatubayeho, twiyunze n'umuryango yahemukiye ubu tubanye neza."

Yakomeje ashimira cyane Leta yu Rwanda agira ati: "Urebye uburemere bwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ntabwo wakumva ko umuntu wayikoze yaba afashwe gutya, basa neza, arishimiye kandi byose ni ukubera ubuyobozi bwiza, ni ukuri Imana ijye iturindira Perezida wa Repubulika Paul Kagame kandi yumve ko tumushimiye."

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Kayitesi Alice, wari Umushyitsi Mukuru muri uyu muhango, yavuze ko bafite akazi kenshi ko kuganiriza abaturage babo ndetse no kubaba hafi. Yagize ati: "Aba basoje igihano cyabo twiteguye kubafasha no kubaba hafi, ni yo mpamvu twaje kugira ngo duhuze amaboko kugira ngo twirinde icyo ari cyo cyose cyasubiza inyuma urugero rwiza rw'Ubumwe n'Ubudaheranwa tugezeho."

Yakomeje agira ati" kuba dufite hafi kimwe cya kabiri muri aba batashye bisobanuye ko dufite akazi kenshi ko kuganiriza abaturage bacu, dufite abagororwa 287 batashye muri aba 644, uko dufite umubare munini w'abafungurwa ni nako dufite umubare munini wabagizweho ingaruka kurusha abandi, yijeje ko bagiye gukora ibishoboka byose nko kwigisha ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda, gukurikirana uko abaturage babanye muri sosiyete, kubigisha amategeko agenga Igihugu, kongera kubibutsa ingaruka twagize n'ibindi."

Kuva iyi gahunda y'Ubumwe n'Ubudaheranwa yatangizwa na MINUBUMWE ifatanyije n'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora muri Werurwe 2025, hamaze guhugurwa abagororwa 2 748 barimo abagabo 2 544 n'abagore 204. Abagabo bahugurirwa mu Igororero rya Nyamasheke, abagore bagahugurirwa mu Igororero rya Nyamagabe.

# Nyagatare: Biteze inyungu ku bikorwa byo kubika amazi bagiye kunganirwamo na Leta



Abakoraga ingendo ndende bajya kuhira kure, bagiye guhabwa uburyo bubegereza amazi mu nzuri zabo



Inka irishirije hafi ikabona amazi hafi irushaho gutanga umukamo

HITIMANA SERVAND

***Bamwe mu borozi bo mu Karere ka Nyagatare bagaragaza ko bazakura inyungu mu kubona uburyo bwo kubika amazi, kuri ubu bakaba bafite icyizere cyo kuva mu bihombo no guteza imbere ubworozi bwabo babikesha inkunga nyunganizi bahawe na Leta igiye kubafasha kugura Dam sheet zifata amazi.***

Abo borozi bagaragaza ko nubwo bagenda batera intambwe mu kuvugurura ubworozi bwabo bari bagifite ikibazo cyo kubona aho buhira amatungo adakoze urugendo rurerure, kuko byasabaga kuba umworozi afite damu yo kuhiraho mu rwuri rwe cyangwa iwe mu rugo ku bororera mu biraro.

Uburyo bwo kugira damu sheet, bavuga ko akenshi hari abatabwigonderaga bigatuma bajya gushora kure, rimwe na rimwe bigateza impanuka ku matungo, bikanagabanya umukamo.

Birungi Theopiste yagize ati: "Mbere tukigera muri uyu Mutara twashoraga ku migezi itandukanye yaba Akagera ndetse n'Umuvumba. Nyuma hagiye hubakwa za damu rusange ariko nabwo ukabona ziri kure y'umworozi aho muri iki gihe dusabwa gukora ubworozi bugamije ubucuruzi bitari bikigezweho gushora inka kure, kuko uko iruhira mu rugendo rurerure ntabwo iba igitanze umukamo uhagije."

Yakomeje agira ati: "Kuba twarashyiriweho nkunganire mu kwishyirira za Damu twuhiriraho mu nzuri ni igisubizo gikomeye aho kigiye kuturinda ibihombo twagiraga. Inka ifite amazi hafi ikarisha hafi irushaho gutanga umukamo.Turashima cyane ubuyobozi buhoza ijisho ku muturage kugira ngo agere ku iterambere."

Birungi ari mu borozi bemerewe inkunga nyunganizi mu bworozi mu mushinga yatanze uzatwara 2 600 000 Frw.

Mukwiye Leonald we avuga ko mu bindi byahombyaga umworozi bitewe no kutagira amazi harimo kwandura kw'amatungo ndetse n'impanuka aho amwe yagongwaga yerekeza ahari amazi.

Ati: "Kujya gushakisha amazi kure y'urwuri byatezaga ibibazo byinshi, hari ukuba inka zakwanduzanya igihe zihuriye aho zashotse harimo izirwaye. Ibi iyo zidasohoka mu rwuri ntibizibaho kuko irwaye urayimenya ukayivuza. Hari kandi n'abagongerwa amatungo iyo yambukiranya imihanda ajya kuhirwa, ibi byose ni ibihombo twahuraga nabyo."

Avuga ko asanga ubu buryo bwo gufashwa kugeza amazi mu nzuri bigiye kurengera aborozi.

Ati: "Inyunganzi iri guhabwa aborozi turayishima cyane. Tugiye gukora ubworozi bwa kinyamwuga kandi natwe ubuyobozi tuzabwitura gushyira mu bikorwa inama butugira, aho bizatuma dutera imbere ubwacu ndetse n'Igihugu muri rusange."

Kayumba John, Umuyobozi wa RAB ishami rya Nyagatare avuga ko hari gushyirwa imbaraga mu gushyigikira aborozi kugira ngo hazamurwe umukamo cyane ko kugeza ubu isoko rihari, akaba ari umwanya w'aborozi wo kubyaza umusaruro aya mahirwe.

Ati: "Ni icyerekezo cy'igihugu kugira ubworozi ndetse n'ubuhinzi buzamure ababukora ndetse bukongera n'ishoramari. Aborozi bagerwaho n'aya mahirwe tubasaba kuyabyaza umusaruro bakava mu bworozi bwa gakondo bakororera mu ishoramari, amatungo yabo akabatunga ariko akabinjiriza n'amafaranga. Bafite isoko, barahabwa byose kugira ngo banoze ibyo bakora, nta rwitwazo rero ruhari ubu bagomba guhaguruka bagakora ubworozi bwifuzwa."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage, Murekatete Juliet avuga ko hari byinshi ubuyobozi bumaze gukora mu gufasha aborozi kandi n'ibitaragerwaho bakomeje kubishakira ibisubizo.

Ati; "Hari byinshi bimaze gukorwa nubwo hari n'ibindi bigikenewe ariko umusingi muzima turawufite. Umworozi ubonye uburyo bwo kugira amazi mu rwuri, akigishwa guhinga ubwatsi no kubuhunika ndetse n'uko agaburira amatungo ye igisigaye ni ugutanga umusaruro n'umukamo asabwa. Ibitarakunda turabizi tunabiganiraho, turi kubishakira ibisubizo.

Iyi nkunga Nyunganzi mu bworozi itangwa na Leta y'u Rwanda binyuze mu mushinga wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, ugamije kuvugurura icyororo cy'inka zitanga umukamo RDDP2, bikazashyirwa mu bikorwa n'umuryango Kilimo Trust Rwanda.

# Nyamasheke: Banenga abikorera bishe bakanicisha bagenzi babo muri Jenoside

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Abikorera bo mu Karere ka Nyamasheke banenga abari abikorera mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bayijanditsemo bakica bakanicisha bagenzi babo bakoraga umwuga umwe, abari abakiliya babo n'ababafashaga muri iyo mirimo y'ubucuruzi.***



Bashyikirije inka Nkubito Jean Bosco

Mu gikorwa cyo kwibuka abahoze ari abikorera bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Karere ka Nyamasheke, cyabereye ku Rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Shangi, ku wa 11 Kamena 2026, Umuyobozi w'Urugaga rw'Abikorera (PSF) muri ako Karere, Uzamukunda Isabelle yavuze ko bibabaje cyane kubona hari abikorera bakoresheje imbaraga zabo n'ibyabo mu kwica no kwicisha Abatutsi aho kubarengera.

Yagize ati: "Turagaya byimazeyo abari abacuruzi bashoye amafaranga, umwanya, igitinyiro mu bantu, n'imbaraga zindi bari bafite, bakica cyangwa bakicisha Abatutsi barimo n'abo bakoranaga."

Avuga ko hari abatanze imodoka zabo zikajya mu bikorwa byo kwica Abatutsi, abakoresheje ibindi bikoresho nk'imipanga, inyubako zabo zigakorerwamo inama zo gutegura uburyo bwo kwica Abatutsi benshi icyarimwe, kugaburira abavuye kwica, gutanga mazutu na lisansi, guhiga no kuvumbura Abatutsi barimo abikorera bagenzi babo aho babaga bihishe, bamwe banaba ba rukarabankaba bica Abatutsi.

Ati: "Abo bose ni abo kunengwa. Turashimira abikorera b'uyu munsi, uruhare bagira mu kubaka Igihugu cyacu kubera imiyoborere myiza irangajwe imbere na Perezida Kagame."

Yavuze ko, nk'Urugaga rw'Abikorera, bazakomeza gufata mu mugongo abarokotse, gukomeza guteza imbere Igihugu bahangira imirimo cyane cyane urubyiruko, banarwanya bivuye inyuma ingengabitekerezo ya Jenoside.

Uwatanze ubuhamya, Nkubito Emmanuel yavuze akaga yahuriye na ko kuri Kiliziya ya Shangi, aho interahamwe ziciye Abatutsi urw'agashinyaguro.

Yagize ati: "Interahamwe zamaraga kubica imibiri yabo zikayikoreza abakirimo akuka, bakayijyana ku cyobo cyiswe Croix-Rouge bakayijugunyamo, noneho na bo zikabicira kuri icyo cyobo zikabajugunyamo ndetse bamwe zikabatamo ari bazima.

Twicwaga gutyo byagizwemo uruhare rukomeye na bamwe mu bikorera, bari barasaritswe n'ingengabitekerezo y'urwango bangaga Abatutsi, barimo n'abo bakoraga umurimo umwe kuko na bo batabarebeye izuba."

Yashimiye abari abikorera bagize abo barokora, avuga ko iyo abikoreraga bose bagira ubutwari bagakoresha ubushobozi bwabo mu kurokora abicwaga, ntibumvire Leta mbi yabakoreshaga, Jenoside yakorewe Abatutsi itari kugira ubukana yagize.

Uhagarariye Ibuka mu Karere ka Nyamasheke, Gasasira Marcel yihanganishije imiryango y'abari abikorera bishwe, n'abikorera barokotse n'imiryango yabo, agaya ubuyobozi bubi bwateguye bukanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bukayishoramo abacuruzi n'abandi bari bafite ubushobozi.

Ati: "Turagaya bikomeye abari abikorera bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, bakica bagenzi babo babaziza gusa ko ari Abatutsi. Turashima abarokoye abandi, ubwo butwari muzabuhorane."

Yashimiye abikorera muri Nyamasheke uruhare bagira mu gufasha abarokotse kwiyubaka, babubakira, kubaremera, n'ibindi bikorwa byo kubafata mu mugongo, abasaba kubikomeza.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke, Mupenzi Narcisse, yabasabye gukomera ku ndangagaciro y' ubumwe n'ubudaheranwa.

Yavuze ko iyo u Rwanda rutagira ubutegetsi bubi ngo butegure Jenoside bunayigerageze igihe kirekire, n'abikorera babutize umurindi itari gushoboka ngo miliyoni irenga y'Abatutsi yicwe. Mupenzi yavuze ko hakiri urugamba rwo guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Yagize ati: "Ikidashidikanywaho ni uko habayeho umugambi wa Jenoside. Aho ihagarikiwe, turacyafite urugamba rwo guhangana n' ingengabitekerezo yayo. N'aha mu Karere kacu irahari, kuko buri mwaka uko twibutse tugira abo igaragaraho. Hari n'abo byahamye babihanirwa n'inkiko."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke yakomeje agaragaza ko abikorera bijanditse muri Jenoside bambitse isura mbi bagenzi babo, ko hagomba kubaho imbaraga zikomeye ngo iyo sura mbi isibangane.

Yashimiye Urugaga rw'Abikorera muri ako Karere imikorere rufite itanga icyizere cy'ejo hazaza harushijeho kuba heza, arwizeza ubufatanye bw'Akarere mu gukomeza kugateza imbere no gufasha abarokotse gukomeza kwiyubaka.

Mu gikorwa cyo kwibuka, banunamiye Abatutsi barenga 17 000 bashyinguye mu Rwibutso rwa Shangi, banashyira indabo kuri icyo cyobo cya Croix-Rouge.

Banashyikirije Bizimana Antoine inzu y'agaciro ka 19 750 000 bamwubakiye, banoroza inka y'agaciro k'amafaranga miliyoni imwe Nkubito Jean Bosco, bakazanoroza undi indi y'agaciro nk'ako muri iyi minsi 100 yo kwibuka. Banaremeye abagore 25.

# Rubavu: Babangamiwe n'aborozi bashukisha abana amafaranga bagata ishuri

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Rubavu, Akarere ka Rubavu, bavuga ko bahangayikishijwe n'umubare w'abana bata ishuri bakajya gukora akazi k'ubushumba nyuma yo gushukishwa amafaranga na bamwe mu borozi bo muri aka gace.***

Abo baturage bavuga ko iki kibazo gikomeje gufata intera, aho bamwe mu bana bakiri bato bahitamo kuva mu mashuri bakajya kuragira inka n'andi matungo, ibintu bavuga ko bishyira mu kaga ejo hazaza habo ndetse bikaba bishobora guteza ibibazo by'umutekano muke mu gihe kiri imbere.

Mukandayisenga Claudine, umwe mu babyeyi batuye mu Murenge wa Rubavu, n'aborozi. Yagize ati: "Ikiduhangayikishije ni uko hari abana bata ishuri batabuze ibikoresho cyangwa amafaranga y'ishuri. Umwana yumva bamwemereye amafaranga make buri kwezi agahitamo kujya mu bushumba. Iyo amaze gukura usanga nta bumenyi afite, nta mwuga azi, kandi ntanashobora gusubira ku ishuri."

Avuga ko benshi muri abo bana bamara imyaka myinshi mu bushumba, maze bageze mu kigero cy'ubukure bakisanga nta bundi bushobozi bafite bwo kwibeshaho. Yagize ati: "Iyo bamaze gukura kandi nta mwuga bize, bamwe bahinduka inzererezi, abandi bakishora mu bikorwa by'ubujura cyangwa indi myitwarire mibi. Ni ikibazo gikwiye guhagurukirwa z'iwabo bagahitamo kubana n'aborozi ndetse n'abandi bashumba cyangwa bakabaho mu buzima butagira icyerekezo. Bamwe muri bo ngo usanga barara mu nzu zitaraturwamo, cyane cyane izikiri kubakwa, mu gihe abandi barara mu nzuri cyangwa ahandi hose babonye bikinga.

Nsengimana Jules yagize ati: "Birababaje kubona umwana ukwiye kuba ari mu ishuri cyangwa iwabo mu rugo, ahubwo akajya kurara mu nzu zitaruzura cyangwa mu nzuri. Biterwa n'uko aba yarinjiye muri ubwo buzima akiri muto, bikarangira ataye umuryango n'ishuri."

Aba baturage basaba aborozi kujya babanza kugenzura imyaka y'umwana mbere yo kumuha akazi, bakimu mashuri bakajya mu bushumba, ariko bagasobanura ko hari ibibazo bibitera.

Uwitwa Kabahizi Norbert yavuze ko yavuye mu ishuri kubera kubura ibikoresho by'ishuri. Ati: "Nari nkiri ku ishuri ariko nkiri mu rugo bakabura amakayi n'ibindi bikoresho. Numvise ko kujya kuragira byamfasha kubona amafaranga yo kwitunga."

Undi mwana yavuze ko ikibazo cyaturutse ku buzima bubi bwo mu muryango. Yagize ati: "Iwacu ababyeyi bahora mu makimbirane. Hari iminsi twaburaga ibyo kurya, nkumva aho gukomeza kwicara mu rugo najya gushaka akazi ko kuragira ngo mbe nabona icyo kurya."

Nubwo aba bana bagaragaza impamvu zitanimirimo ibagenewe bakuze.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rubavu, Rwibasira Jean Bosco, yavuze ko ubuyobozi bwamenye iki kibazo kandi bugiye kugikurikirana ku bufatanye n'izindi nzego. Yavuze ko bidakwiye ko umwana wagakwiye kuba ari ku ishuri ahabwa akazi ko kuragira cyangwa kwita ku matungo.

Yagize ari: "Ntabwo byemewe ko umwana uri mu kigero cy'ishuri ahabwa akazi ko kuragira cyangwa gukora indi mirimo ivunanye. Abana bafite uburenganzira bwo kwiga no kurindwa ibikorwa bishobora kubangamira uburere n'iterambere ryabo."

Akomeza asaba aborozi kwirinda guha akazi abana no kubashora mu mirimo itemewe n'amategeko. Yagize ati: "Turasaba aborozi kudaha akazi abana, kuko bidakwiye ko umwana akoreshwa imirimo ivunanye cyangwa imubuza amahirwe yo kwiga."

Rwibasira anibutsa ababyeyi ko bafite inshingano zo kwita ku bana babo no gukurikirana imibereho yabo ya buri munsi. Yagize ati: "Ababyeyi bakwiye kumenya ibyo abana babo bakeneye, aho bari n'ibyo bakora buri munsi. Iyo umuryango witaye ku mwana kandi ukamuba hafi, biroroshye kumurinda kuva mu ishuri cyangwa kujya mu bikorwa byamwangiriza ejo hazaza."

Mu Karere ka Rubavu, mu mwaka w'amashuri 2024/2025 habaruwe abana bataye ishuri 6 292, barimo bahungu 1 663 n'abakobwa 4 629. Mu mwaka wa 2023/2024, Rubavu yari ifite abana 6 588 bataye ishuri, barimo abahungu 1 941 n'abakobwa 4 647. Bivuze ko mu 2024/2025 habaye igabanyuka ry'abana 296 bataye ishuri ugereranyije n'umwaka wabanje.

Abaturage bo mu Murenge wa Rubavu bavuga ko kurwanya ikibazo cy'abana bata ishuri bakajya mu bushumba bisaba ubufatanye bw'ababyeyi, ubuyobozi n'aborozi, kugira ngo abana bose bahabwe amahirwe angana yo kwiga no kubaka ejo hazaza habo.



**Rubavu abana bata ishuri bakajya mu bushumba bakurikiye ifaranga**

avuga ko hari abana benshi bata ishuri kandi bafite ubushobozi bwo kwiga, ariko bakarangazwa n'amafaranga make bahabwa mbere y'uko kirushaho gukomera."

Abaturage bavuga ko hari abana bamaze kuva mu ngo rinda gukoresha abana bakiri bato bagakwiye kuba bari mu ishuri. Bamwe mu bana baganiriye na Imvaho Nshya bemera ko bavuye dukanye, abaturage bavuga ko igikwiye ari ugushakira ibisubizo ibibazo by'imiryango aho kwemera ko abana bata ishuri bakajya gukora

# Impumeko y'i Nyabimata aho Ingabo z'u Rwanda zivugwa imyato



**Abaturage n'Ingabo z'u Rwanda bafatanyije gucukura imirwanyasuri**

**HABIMANA Eric**

***Imyaka ikabakaba irindwi irashize abaturage bo mu Murenge wa Nyabimata, Akarere ka Nyaruguru, bavuye mu ihungabana rikomeye bakomoye ku bitero by'iterabwoba byagabwe aho batuye bigahitana abaturage abandi bagakomereka, imitungo ya benshi igasahurwa.***

Abaturage batuye muri uyu Murenge bavuga ko mu gihe gishize umutekano warushjeho kuba ntamakemwa, ku buryo kuri ubu bakomeje ibikorwa by'iterambere kandi baryama bagasinzira babikesha umutekano bacungirwa n'Ingabo z'u Rwanda na bo bakawugiramo uruhare.

Iyo uganiriye n'abo baturage nta kindi bagarukaho uretse ihungabana basigiwe n'abagizi ba nabi bacaga muri Pariki y'Igihugu ya Nyungwe, ariko ubu abavuganye na Imvaho Nshya bahamya ko ubufatanye bw'Inzego z'umutekano, ubuyobozi n'abaturage ubwabo, bwafashije kwihutisha ibikorwa by'iterambere.

Nsanzurwimo Emmanuel, Umuyobozi w'Umudugudu wa Mishungeru, yavuze ko abaturage bongeye kugira icyizere cyo gukora no kwiteza imbere kuko umutekano wagarutse.

Ati: "Hano higeze kuba umutekano muke kuko nk'abaturiye Ishyamba rya Nyungwe hari abagizi ba nabi barinyuragamo bakaza kuduhungabanyiriza umutekano, iyo umutekano uhungabanye nta muturage ushobora gukora ibikorwa by'iterambere. Ubu ariko ibintu byasubiye ku murongo, dufatanyije n'Ingabo z'Igihugu (RDF), ubuyobozi n'abaturage, umutekano ni wose kandi buri wese awugiramo uruhare. Ibyo rero bituma tubasha gukora no kwiteza imbere."

Yongeyeho ko abaturage bakora mu mirima y'icyayi no mu bindi bikorwa by'ubuhinzi n'ubucuruzi badafite ubwoba nk'uko byari bimeze mbere. Uzamushaka Vestine na we yavuze ko iterambere bagezeho rifitanye isano n'umutekano bafite muri iki gihe.

Ati: "Twabayeho tutaryama neza kuko hari abantu bazaga baturutse mu mashyamba bakatwibira amatungo n'ibindi. Ubu turadamaraye, turaryama tugasinzira, tureza tugasarura, abana bariga neza kandi natwe twafashe iya mbere mu kwicungira umutekano kuko umuntu wese tubonye tumushidikanyaho tubimenyesha abayobozi."

Rwamakuba Daniel, we avuga ko ubufatanye bw'abaturage n'Inzego z'umutekano bwatumye ibibazo by'umutekano muke biranduka, abaturage bakongera gukora ibikorwa bibinjiriza amafaranga.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyabimata. Ntihinyurwa Joseph yavuze ko umutekano ari umwe mu nkingi z'iterambere ry'abaturage kuko ubafasha gukora no gushyira mu bikorwa gahunda za Leta.

Yagize ati: "Ni byo koko hari igihe abagizi ba nabi bigeze guhungabanya umutekano w'abaturage, ariko byararangiye kubera ubufatanye bw'inzego z'umutekano n'abaturage. Ubu abaturage baratekanye, bajya mu mirima yabo, bakora ubucuruzi, barorora kandi bitabira gahunda zitandukanye zibateza imbere. Icy'ingenzi ni uko bafite ubushake bwo gukora no kwiteza imbere."

Mu Muganda wihariye abaturage bahuriyemo n'ubuyobozi ndetse n'Inzego z'umutekano mu bikorwa by'Ukwezi kwahariwe ibikorwa bihuza Ingabo z'u Rwanda n'abaturage, abaturage bashimiye RDF n'ubuyobozi bukuru bw'Igihugu.

# Iburasirazuba: Ahashoboraga kuba ubutayu hagaruye ubuzima kubera amashyamba



**Ahibasirwaga n'izuba ubu haratoshye kubera uburyo bwashyizweho bwo kongera ibiti n'amashyamba**

**HITIMANA Servand**

***Abaturage bo mu Ntara y'Iburasirazuba barashima imishinga begerejwe igamije kubaka ubudahangarwa ku ihindagurika ry'ibihe, yatumye bongera kugira ikirere gitanga imvura mu gihe mu myaka yo hambere bibasirwaga n'izuba ryinshi ndetse imisozi yari isigaye ari nk'ubutayu.***

Aba baturage bahamya ko gutura ku misozi yambaye ubusa itagira ibiti byatezaga ingaruka zirimo ibiza bituruka ku muyaga ndetse n'amapfa. By'umwihariko barashima umusaruro w'Umushinga wo Kubungabunga Urusobe rw'ibinyabuzima mu Ntara y'Iburasirazuba bigizwemo uruhare n'abaturage (COMBIO) wabaye gisubizo ku ngorane z'imihindagurikire y'ibihe bahuraga na zo.

Uyu mushinga w'imyaka itanu watangiye mu 2022 ukaba uzarangira mu 2027, aho uhuriweho na Minisiteri y'Ibidukikije, Ikigo gishinzwe Amashyamba mu Rwanda (RFA) ndetse n'Umuryango Mpuzamahanga wita ku Kubungabunga Ibidukikije n'Umutungo Kamere (IUCN).

Murekatete Marie Honore utuye mu Murenge wa Rukomo, Akarere ka Nyagatare, agira ati: "Inaha twagiye tugira ibihe bidasanzwe byiganjemo izuba ryinshi ryatumaga imyaka itera abantu bagasonza, amatungo akabura ubwatsi akagandara. Ni Umutara twabagamo uhagarara ku musozi ukareba ku wundi nta giti na kimwe, hazaga umuyaga mwinshi ukabona ugurukanye inzu nta n'imvura yaguye."

Mungwarareba Etienne wo mu Murenge ka Kiramuruzi, Akarere ka Gatsibo, yagize ati: "Uretse kuba ibikorwa by'uyu mushinga byarazahuye ikirere cyacu kikongera gutoha, twanawubonyemo akazi aho byatumye hari intambwe dutera mu mibereho yacu. Natangiranye na wo ariko byatumye nikenura, aho nabashije kwishyurira abana amashuri, mvugurura inzu yanjye nyishyiramo sima ndetse nyikingisha inzugi z'ibyuma. Ni umushinga kandi watumye ngura amatungo aho ubu mu rugo mfite inka n'amatungo magufi."

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ibidukikije, Bingwa Fidèle yasabye abakora mu mishinga nk'iyi itegerejweho impinduka ku banyagihugu kujya baharanira kugera ku ntego kugira ngo ubunyangamugayo bw'Igihugu bukomeze kugaragara mu bafatanyabikorwa bacyo.

Umuyobozi w'Ikigo gishinzwe Amashyamba mu Rwanda, Dr Concorde Nsengumuremyi avuga ko ibikorwa by'uyu mushinga bihura n'icyerekezo cy'Igihugu.

Ati: "Muzi ko muri iyi Ntara y'Iburasirazuba hagaragaraga ibihe bidasanzwe birimo izuba ryinshi ndetse, ibura ry'ibicanwa n'ibindi. Hamwe n'indi mishinga dukorera muri iyi Ntara bimaze gutanga umusaruro aho usanga imvura itakibura nkuko byahoze, ndetse tukaba dukomeje kugerageza gushyiraho n'uburyo bugamije kugabanya itemwa ry'amashyamba.

Ikigo RFA cyemeza ko umushinga COMBIO washowemo miliyari zisaga 14 z'amafaranga y'u Rwanda, mu myaka ine umaze ukorwa ukaba ugeze ku kigero cya 66% y'ibyifuzwaga kuwukorwamo.ugamije gukora ibikorwa by kongoera ubudahangarwa ku ihindagurika ry'ikirere hibandwa ku gutera ibiti bya gakondo mu byanya bitandukanye byatoranijwe mu Turere turindwi tw'Intara y'Iburasirazuba, ku nkuka z'imigezi n'ibyogogo no mu nkengero z'imihanda.

Mu Rwanda hose, amashyamaba ari ku buso bungana na 30,4% bw'ubuso bwose ni ukuvuga ko ahatewe amashyamba hangana na hegitari 724 000.

# Imitego irenga 6 000 yafatiwe muri Pariki ya Nyungwe mu 2025



Abaturiye Pariki y'Igihugu ya Nyungwe bagirwa inama yo kuyibungabunga kuko ibyiza biyiturukamo bibageraho

BAHUWIYONGERA SYLVESTRE

***Ubuyobozi bwa Pariki y'Igihugu ya Nyungwe buravuga ko mu mwaka ushize wa 2025 muri iyo Pariki hafatiwemo imitego irenga 6 000 y'abahiga inyamaswa, mu gihe hari ingamba zikarishye zashyiriweho kurwanya ubikorwa byangiza.***

Umuyobozi w'Ikigo gicunga Pariki y'Igihugu ya Nyungwe (NMC), Niyigaba Protais yavuze ko iyo mitego itegwa na ba rushimusi baba baciye mu rihumye abarinzi ba Pariki bahora bacungana na bo.

Ati: "Ni imitego mibi cyane yica inyamaswa igahombya ubukungu bw'Igihugu. Iba igizwe n'udusinga twinshi abahigi bitwaza. Umuhigi umwe ashobora gutwara agafuka gato karimo imitego nka 500. Ushobora gusanga abahigi nka 30 bafatanwa imitego ingana ityo bonyine, kuko umuhigi agenda afite ako gafuka, aho ageze hose mu ishyamba, agatema igiti agatega, bityo bityo."

Akomeza avuga ko ugereranyije n'imyaka yabanje, imitego yafatiwe muri Pariki y'Igihugu ya Nyungwe yagabanyutse cyane kuko mu 2022 hari hafatiwemo irenga 11 000. Amahirwe ari uko abakozi ba Pariki bahagera mbere y'uko zipfa, bakazitegura, imitego bakayangiza, indi bakayijyana ku cyicaro cy'iyi pariki ngo n'abayisura bayibone, banasobanurirwe ibibi byayo.

Niyigaba Protais anavuga ko, uretse abajyanwamo no gutega izo nyamaswa, hanabonekamo abarijyanwamo no guhakuramo ubuki haba hari impungenge ko baritwikisha amafumba y'umuriro baba bafite bahakura.

Hari kandi n'abangiza urusobe rw'ibinyabuzima batema ibiti, bahiramo ubwatsi, n'ibindi bikorwa byangiza birimo ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, gutwika nubwo uyu mwaka bitagaragaye, gutamo imyanda ishobora kwica inyamaswa ziyirimo igihe ziyiriye, imodoka zica mu muhanda Kigali-Huye-Nyamasheke-Rusizi zizigonga zikazica n'ibindi.

Mushimiyimana Claudine wavuye muri ba rushimusi, aho yacuruzaga inyama yaguriraga ababaga bishe izo nyamaswa bakazibaga, avuga ko ibyangiza iyi pariki byose bigomba kurwanywa, cyane cyane iyi mitego kuko ihombya igihugu.

Ati: "Nk'iyi mitego yica inyamaswa cyane, ziganjemo ifumberi, ingurube, ibinyogote, amasiha n'ibisaho, bataretse n'izindi zishobora gufatwa muri iyo mitego, bakazibaga zimwe mu nyama bakazokerezamo bakazirya, izindi bakazijyana mu ngo zabo bakazirya izindi bakazigurisha."

Hakizimana Etienne wacukuragamo amabuye y'agaciro, akabumbirwa hamwe n'abandi muri koperative ubu akaba ari umurinzi wayo, asanga kongerera imirimo abayituriye cyane cyane urubyiruko, biri mu bigabanya ba rushimusi.

Ati: "Natwe igihe twarijyagamo, n'abo dufata ubu ikibazo cy'ubukene ni cyo buri wese aba avuga kimutera kujya gutegamo imitego. Binagaragara ko abahawe akazi, ababumbiwe mu makoperative bagaterwa inkunga n'iyi Pariki bakiteza imbere, batongeye kugaragara mu bafatirwa muri ibi bikorwa bibi kandi batihanganira uryangiza wese."

Ubuyobozi bwa Pariki y'Igihugu ya Nyungwe buvuga ko kuri ubu bwahaye akazi abasaga 300 bahoraho ndetse na 700 badahoraho.

Yahishuye ko hari n'umushinga urimo gutegurwa muri Pariki witezweho guha akazi abasaga 1500 mu gihe na koperative zibumbiye hamwe abasaga 1 500 barimo aborora amafi n'amatungo magufi, abahinzi b'ibihumyo, imirimo y'ubukerarugendo, imikino, abakora ubuvumvu, n'abandi.

Niyitegeka Jonas, Umushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye, ufasha iyi Pariki mu rwego rw'amategeko, avuga ko mu gukomeza kuyibungabunga no guhashya ibyaha biyangiza, hakwiye impinduka mu rwego rw'amategeko.

Ati: "Hari nk'ibyaha bigabanyirizwa agaciro, nk'uwasoromyemo imbuto, uwahiyemo ubwatsi cyangwa watemyemo igiti, yagezwa imbere y'umugenzacyaha cyangwa umushinjacyaha, we akabona atari icyaha cyamufungisha yagirwa inama gusa agataha. Akirengagiza ko ibyo yangije ari byo byari gutuma pariki ikomeza kubaho igihe kirekire."

Anatanga inama ko abafashwe bajya baburanishirizwa mu ruhame kugira ngo n'abandi barebereho babicikeho.

Umuyobozi w' urukiko rwisumbuye rwa Rusizi, Giraneza Clémentine, na we yemera ko kuburanishiriza mu ruhame abafatirwa muri ibi byaha waba umwe mu miti.

Mu nama yahuje ubuyobozi bwa Pariki y'Igihugu ya Nyungwe, ab'Akarere ka Rusizi nka kamwe mu Turere dutanu ibarizwamo, ku wa 10 Kamena, 2026, Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, Sindayiheba Phanuel yagaragaje ko guturira iyi pariki ari amahirwe akomeye ku baturage.

Yavuze kandi ko bafashe ingamba zirimo ubufatanye n'inzego zose, mu rwego rwo gukumira no kurwanya icyahungabanya urusobe rw'ibinyabuzima muri Pariki y'Igihugu ya Nyungwe.

# Nyaruguru: Arashimira ubuyobozi n'abaturage babakuye mu buzima bwo gusembera



Niyonizeye yishimira ko abonye aho arambika umusaya n'urubyaro rwe

HABIMANA Eric

***Niyonizeye Patricia w'imyaka 55, utuye mu Mudugudu wa Buriza, Akagari ka Nyagisozi, Umurenge wa Nyagisozi mu Karere ka Nyaruguru, avuga ko yongeye kugira icyizere cy'ubuzima nyuma yo kubakirwa inzu n'ubuyobozi bufatanyije n'abaturage nyuma y'igihe kirekire yari amaze abaho mu buzima bwo gusembera no kutagira aho aba hamwe n'abana be umunani.***

Asobanura ko mbere yaho yabaga mu Karere ka Bugesera ari naho yari yarabyariye abana be, aho yabanaga n'umugabo we mu buzima bwari bugoye, akavuga ko imibereho yakomeje kuba mibi kugeza aho bahisemo kuva mu Bugesera bagataha ku ivuko ry'umugabo we mu Karere ka Nyaruguru, bizeye ko bahabona ubufasha n'uburyo bwo kongera kwiyubaka.

Niyonizeye avuga ko bageze i

KOMEZA KU RUP.21

# Nyaruguru: Arashimira ubuyobozi n'abaturage babakuye mu buzima bwo gusembera

IBIKURIKIRA URUP.20

Nyaruguru batari bafite aho kuba, ibintu byaje kurushaho gukomera nyuma y'urupfu rw'umugabo we muri Mata 2025, wari usanzwe agira uruhare rukomeye kugira ngo babeho ari n'inkingi y'umuryango.

Ati: "Twari tumaze igihe tubayeho mu buzima bugoye, twafashe umwanzuro wo gutaha iwabo w'umugabo kugira ngo turebe ko twabona uko tubaho, ariko hashize igihe gito umugabo ahita yitaba Imana, ubwo ni bwo ubuzima bwarushijeho gukomera kuko ari we washakaga ibitunga urugo."

Nyuma y'icyo gihe, ubuyobozi bw'Umurenge wa Nyagisozi bwamucumbikiye mu nyubako zahoze zikoreshwa na Burugumesitiri (icumbi ry'abayoboraga Amakomini), mu rwego rwo kumurinda gukomeza gusemberana n'abana be. Icyakora, kubera ko izo nyubako zari zishaje kandi zitari zigenewe guturwamo igihe kirekire hafashwe umwanzuro wo gushaka igisubizo kirambye.

Uyu mubyeyi avuga ko yaje guhabwa ikibanza ndetse abaturage n'ubuyobozi bakamufasha kubaka inzu yo kubamo hamwe n'umuryango we.

Ati: "Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ni umubyeyi rwose, ntabwo bagarukiye ku kumpa ikibanza gusa, ahubwo abaturage n'ubuyobozi bafatanyije kunyubakira. Ubu mfite aho kuba kandi mfite icyizere cy'ejo hazaza, nanjye nabigizemo uruhare nkora umuganda hamwe n'abandi."

Yongeraho ko kuba yarabonye aho kuba byagaruye icyizere mu muryango we wari waratangiye gusenyuka kubera ubukene n'ubushobozi buke bwo kurera abana, bamwe bari barasubiye kuba muri Bugesera, ariko ngo bamaze kumenya ko umuryango ugiye kubona aho kuba na bo batangiye gutegura kugaruka bakongera kubana.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyagisozi, Habimana Vedaste, yavuze ko ubuyobozi bwafashe icyemezo cyo gufasha uyu muturage nyuma yo kubona ko yari ageze mu buzima bukomeye cyane nyuma y'urupfu rw'umugabo we.

Yagize ati: "Twabonaga ko uyu muryango utishoboye kandi twari dusanzwe twarabacumbikiye. Umugabo amaze kwitaba Imana, twaricaye nk'ubuyobozi tureba uburyo twamufasha kubona aho kuba, twamushakiye ikibanza kandi abaturage bafatanya natwe mu kumwubakira,na we ubwe yabigizemo uruhare binyuze mu muganda."

Uyu muyobozi yavuze ko ubuyobozi bw'Umurenge bukomeje gushyira imbaraga muri gahunda yo gufasha abaturage badafite aho kuba, aho yagaragaje ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026 hubakiwe abaturage batanu, mu gihe mu mwaka wa 2026/2027 hateganyijwe kubakirwa indi miryango 13 ikennye.

Yavuze kandi ko inzu nyinshi muri izo zigeze ku musozo w'imirimo, asaba abaturage bazihabwa kuzirinda no kuzibungabunga kugira ngo zibafashe kuzamura imibereho yabo mu buryo burambye, iki kikaba ari kimwe mu bimenyetso byerekana uruhare rw'ubufatanye hagati y'ubuyobozi n'abaturage mu gufasha abatishoboye kubona ibisubizo by'ibibazo bibugarije.

# Musanze: G.S Rwinzovu bashima kubakirwa amashuri asimbura ayo mu 1980



Inyubako nshya z'amashuri ubwo zari zimaze kuzura

NGABOYABAHIZI Protais

***Ababyeyi barerera ku Ishuri rya GS Rwinzovu riherereye mu Murenge wa Gataraga, Akarere ka Musanze, bavuga ko bishimiye uburyo abana babo bamaze kubona amashuri agezweho kandi atekanye, nyuma y'imyaka myinshi bigira mu nyubako zashaje zari zibateye impungenge.***

Abo babyeyi bavuga ko inyubako zari zisanzwe zikoreshwa n'iki kigo zubatswe mu myaka ya 1980 zubakishijwe amakoro akunze kuboneka mu Karere ka Musanze, amabati nayo yari amaze gusaza, zimwe muri izo nyubako zari zaratangiye kwangirika ku buryo ababyeyi bahoraga bafite ubwoba ko zishobora guteza impanuka ku bana babo.

Kuri ubu, GS Rwinzovu yubakiwe ibyumba by'amashuri birenga 20 bigezweho, ibintu abaturage bavuga ko byahinduye isura y'uburezi muri ako gace ndetse bikongera icyizere ku mutekano w'abanyeshuri.

Mukandayisenga Béatrice, umwe mu babyeyi barerera kuri GS Rwinzovu, avuga ko inyubako zahoze zikoreshwa n'iki kigo zari zigeze ku rwego ruteye inkeke.

Yagize ati: "Aya mashuri yubatswe nkiri umwana muto. Yari amaze imyaka myinshi irenga 40 kandi yagendaga asenyuka buhoro buhoro. Hari aho usanga amabuye yaratangiye guhanuka, amabati ashaje kandi amwe yaratobaguritse. Twahoraga dutinya ko umunsi umwe byagwira abana bacu."

Avuga ko iyo imvura yagwaga cyangwa umuyaga ugahuha, abana n'abarimu babaga bafite impungenge.

Yagize ati: "Hari igihe abana batahaga imyenda yabo yatose kubera ko amazi yinjiraga mu mashuri. Kuba ubu bafite ibyumba bishya kandi byiza ni ikintu kidushimisha cyane nk'ababyeyi."

Ntirenganya Jean Claude, undi mubyeyi uhafite abana, avuga ko amashuri ya kera atari agifite ubushobozi bwo kwakira abanyeshuri mu mutekano.

Yagize ati: "Izo nyubako nta madirishya meza zagiraga, zimwe zari zarangiritse cyane. Kubona abana bacu bigira mu mashuri agezweho ni intambwe ikomeye. Ubu twumva twatuje kuko tubona ko umutekano wabo urinzwe, turashimira ubuyobozi bwacu bugenda buvugurura imibereho myiza y'abaturage."

Umuyobozi wa GS Rwinzovu, Rwamuhizi Theophile, avuga ko inyubako za kera zari zimaze imyaka isaga 40 kandi zagiraga ingaruka ku myigire y'abanyeshuri.

Yagize ati: "Ishuri ryari rifite inyubako zubatswe mu myaka ya za 80. Kubera imyaka myinshi zari zimaze, zari zarashegeshwe n'ibihe ku buryo hari aho wasangaga hasenyutse cyangwa hakeneye gusanwa buri gihe."

Avuga ko igihe cy'imvura n'umuyaga cyabaga ikibazo gikomeye ku banyeshuri n'abarimu.

Yagize ati: "Iyo imvura yagwaga cyane cyangwa umuyaga ugahuha, amasomo yarahungabanaga. Hari igihe amazi yinjiraga mu mashuri, bigatuma abanyeshuri batiga mu buryo buboneye. Byaduteye impungenge igihe kirekire."

Yashimiye ubuyobozi bw'igihugu bwafashe icyemezo cyo kubaka ibyumba bishya by'amashuri, avuga ko byahinduye cyane imibereho y'iki kigo.

Yagize ati: "Uyu munsi abanyeshuri bigira mu byumba byiza, bifite urumuri ruhagije, amadirishya meza n'ibikoresho bibafasha kwiga neza. Ni impinduka ikomeye izagira uruhare mu kuzamura ireme ry'uburezi."

Ababyeyi bavuga ko usibye kurinda ubuzima bw'abana, inyubako nshya zanazamuye icyizere cyabo ku burezi bahabwa.

Bemeza ko kubona abana bigira ahantu hasa neza kandi hatekanye bibatera ishema ndetse bikabashishikariza gukomeza gushyigikira gahunda z'uburezi.

Kugeza ubu, GS Rwinzovu ifite abarimu 57 n'abanyeshuri barenga 2 000. Ubuyobozi bw'iki kigo buvuga ko inyubako nshya zafashije kugabanya ubucucike mu mashuri no gutuma abanyeshuri biga mu buryo bubafasha gutsinda neza.

Abaturage bo mu Murenge wa Gataraga bavuga ko kubakirwa amashuri agezweho ari kimwe mu bimenyetso by'iterambere ry'uburezi muri aka gace, bakaba bizeye ko bizakomeza kuzamura imibereho y'abana babo no kubaha amahirwe yo guharanira ejo hazaza heza.

## ITANGAZO RY'AKAZI

**ORGANISME SPECIALISE DE LA C.E.P.G.L**

**SINELAC**
*Société Internationale D'Electricité des Pays des Grands Lacs*

*Bukavu, le* 05/06/2026
*N°* 466/2026

**AVIS D'APPEL D'OFFRE POUR LE RECRUTEMENT D'UN CHEF D'EQUIPE DES OPERATEURS DU POSTE MURURU II**

La Société Internationale d'Electricité des Pays des Grands Lacs, en abrégé « SINELAC », ayant son Siège Social à Bukavu en République Démocratique du Congo, lance un appel d'offre pour emploi au **Poste de Chef d'Equipe des Opérateurs du Poste Mururu II.**

**I. DESCRIPTION DU POSTE**

Le Chef d'Equipe des Opérateurs du Poste Mururu II sera sous la supervision du Chef de Poste Mururu II. Il travaillera en étroite collaboration avec les opérateurs du Poste Mururu II qui sont sous sa supervision directe.

**II. PRINCIPALES TÂCHES**

Sous la supervision directe du Chef de Poste Mururu II, le Chef d'Equipe des Opérateurs du Poste Mururu II :

- Etablit le programme des rôles de service au Poste ;
- Coordonne les activités des opérateurs du Poste ;
- Assure le maintien de la propreté du Poste et de ses équipements ;
- Interprète et apprécie la nature de tout incident d'exploitation ;
- Analyse les incidents et prépare le rapport à la hiérarchie ;
- Intervient pour limiter les perturbations et rétablit la bonne marche des installations ;
- Fait appliquer rigoureusement les consignes d'exploitation du Réseau Electrique Interconnecté (REI);
- Applique les règles d'hygiène, santé, sécurité et environnement au travail ainsi que les procédures y relatives ;
- Fait la répartition équitable de l'énergie électrique ;
- Rédige les rapports périodiques d'exploitation
- Contrôle quotidiennement le registre d'exploitation ;
- Fait les rapports périodiques d'activités du service ;
- Exécute toute autre tâche demandée par la hiérarchie dans l'intérêt du travail et dont il a les compétences.

05/06/2026

05/06/2026 12:39

1

**III. COMPETENCES ET QUALITES REQUISES**

Les compétences et qualités requises sont les suivantes :

- Avoir de bonnes connaissances du fonctionnement des postes à haute tension ;
- Avoir des connaissances dans les protections des lignes de transport et des transformateurs ;
- Avoir des connaissances dans la gestion et contrôle du réseau électrique interconnecté ;
- Avoir de connaissances en télétransmission et Système SCADA ;
- Comprendre et interpréter des schémas électriques ;
- Avoir une bonne aptitude dans le travail en équipe pluridisciplinaire, avec différents groupes multiculturels ;
- Avoir des capacités d'apprentissage et d'adaptation à l'évolution technologique.

**IV. PROFIL DU CANDIDAT**

Le candidat à ce poste devra :

- Etre de nationalité Rwandaise ;
- Etre âgé de 35 ans au maximum ;
- Avoir un diplôme de niveau d'Ingénieur Industriel ou Civil ou équivalent en Electromécanique, Electricité Industrielle, Electronique ;
- Avoir une expérience professionnelle prouvée d'au moins 3 ans dans l'exploitation ou maintenance des équipements mécaniques, électromécaniques ou hydromécaniques ;
- Avoir des connaissances en informatique : Word, Excel et PowerPoint ;
- Avoir une maitrise orale et écrite du français. La connaissance de l'anglais serait un atout.

**V. DOSSIERS DE CANDIDATURE**

Les dossiers de candidature avec la mention **« Candidature au poste de Chef d'Equipe des Opérateurs du Poste Mururu II »** comprendront les pièces ci-après :

**a)** Une lettre de demande d'emploi adressée à Monsieur le Directeur Général de la SINELAC à Bukavu en République Démocratique du Congo ;
**b)** Un curriculum vitae bien détaillé mettant en exergue son expérience professionnelle ;
**c)** Les copies certifiées du (des) diplômes, certificats, attestations ou tout autre document justifiant la formation et l'expérience du candidat ;
**d)** La copie de la carte d'identité ou du passeport ;
**e)** Un certificat médical d'aptitude physique ;
**f)** Un Extrait du casier judiciaire.

Les dossiers de candidatures avec la mention : **« Candidature au poste de Chef d'Equipe des Opérateurs du Poste Mururu II »** doivent être déposés à l'adresse mail :*info@sinelac.org* au plus tard le **25 Juin 2026.**

05/06/2026 13:13
**BUNANI MUZIBANYI Richard**
**Directeur Administratif et Financier**

SOCIETE INTERNATIONALE D'ELECTRICITE DES PAYS DES GRANDS LACS
SINELAC
BURUNDI RWANDA R.D. CONGO

**NDAYISABA Fidèle**
**Directeur Général**

2

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Repubulika y'u Rwanda
Akarere ka Rusizi

REL
Ruzizi III Energy Limited

**ITANGAZO RUSANGE RIREBA ABAZAGIRWAHO INGARUKA N'IBIKORWA BY'UMUSHINGA WO KUBAKA URUGOMERO RWA RUZIZI GATATU**

**IMPAMVU: Itangazwa ry'itariki ntarengwa yo kwemeza Abazahabwa Ingurane n'Itangazwa ry'urutonde rw'abazahabwa ingurane kubera ibikorwa by'Umushinga wo Kubaka Urugomero rw'Amashanyarazi rwa Ruzizi III (Gatatu)**

Akarere ka Rusizi gafatanyije na Sosiyete Ruzizi III Energy Limited (REL), Sosiyete yashinzwe mu rwego rwo gutegura, kubaka no gukoresha urugomero rwa Ruzizi Gatatu rufite ubushobozi bwa Megawati Magana abiri n'esheshatu (206), baramenyesha abaturage n'abafatanyabikorwa bose ko hazatangazwa urutonde rw'abazahabwa ingurane kubera ibikorwa by'umushinga wa Ruzizi III ku ruhande rw'u Rwanda.

Iki gikorwa cy'itangazwa gishingiye ku bikorwa byo kubarura ubutaka n'imitungo byakozwe hagati ya Kamena na Nzeri 2025 hakurikijwe amategeko y'u Rwanda n'amahame mpuzamahanga agenga ibidukikije n'imibereho myiza y'abaturage (Environmental and social Standards).

**Itangazwa ry'Itariki Ntarengwa yo Kwemeza abazahabwa Ingurane (Cut-off Date)**

Akarere ka Rusizi na Sosiyete REL, baramenyesha ko itariki ntarengwa yo kwemeza abazahabwa ingurane kubera kugirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga wa Ruzizi Gatatu ari **tariki 8 Kamena 2026.** Iyi tariki isobanura ko:

- Abaturage bafite ubutaka n'ibikorwa bizagirwaho ingaruka n'umushinga (PAPs) babaruwe kandi banditswe mbere y'itariki ntarengwa ni bo bonyine bamerewe ingurane.
- Abaturage bafite impungenge cg kutemeranywa n'ibyabaruwe, abo nibo bonyine bazemererwa gusubirirwamo ibarura. Ibibazo bakabinyuza mu buryo bwagenwe bwo gutanga ibibazo nk'uko bigaragara hasi.
- Imitungo yose y'igihe kirekire izatunganyirizwa ku butaka bwabaruwe nyuma y'itangazwa ry'itariki ntarengwa ntabwo izahabwa agaciro n'umushinga.

Ibi bigamije gutuma gahunda yo gutanga ingurane ikorwa mu mucyo no mu buryo buboneye ku bantu bose bazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga wo kubaka urugomero rwa Ruzizi Gatatu.

AKARERE KA RUSIZI

**UBURYO BWO KUBONA AMAKURU**

Itariki yo gutangaza urutonde rugaragaza abaturage babaruriwe ubutaka n'imitungo bizagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga, izamenyeshwa nyuma y'inama rusange izahuza abaturage bose bazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga. Urutonde rukazaba rugaragara aha hakurikira:

- Ku biro by'Akagari ka Murya mu Murenge wa Nzahaha ndetse no ku Tugari twa Pera na Nyange mu Murenge wa Bugarama.
- Ku biro by'Imirenge ya Nzahaha na Bugarama.
- Ku cyicaro cy'Akarere ka Rusizi.

**Ibitekerezo no Kugaragaza Impungenge**

REL irashishikariza abaturage bose bafite ubutaka n'ibikorwa bizagirwaho ingagruka n'ibikorwa by'umushinga wa Ruzizi Gatatu ndetse n'abafatanyabikorwa kuzasuzuma urutonde rwatangajwe no gutanga ibibazo, ibitekerezo cyangwa impungenge banyuze kuri:

- Abakozi ba REL bakorera mu Kagari ka Nyange, Umurenge wa Bugarama.
- Udusanduku tw'ibitekerezo dushyizwe ku biro by'Akagari ka Murya, Akagari ka Nyange, Umurenge wa Bugarama no ku Murenge wa Nzahaha.
- Imeyili: ESIA@ruzizienergy.com

REL ikomeje kwizeza abaturage n'abafatanyabikorwa ko ibikorwa byo gutanga ingurane ku baturage bafite ubutaka ndetse n'ibikorwa bizagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga ko bizakorwa mu mucyo, mu buryo buboneye kandi bwubahiriza uburenganzira bw'abagizweho ingaruka hakurikijwe amategeko n'amahame mpuzamahanga.

**SINDAYIHEBA Phanuel**
**Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi**

**Mohsin Tahir**
**Umuyobozi w'Umushinga**

AKARERE KA RUSIZI

REL
Ruzizi III Energy Ltd

## ITANGAZO RY'AKAZI

*ORGANISME SPECIALISE DE LA C.E.P.G.L*

**SINELAC**
*Société Internationale*
*D'Electricité des Pays des*
*Grands Lacs*

Bukavu, le 27/05/2026
N° 450/2026

**TITRE : MARCHE DE RECRUTEMENT D'UNE ENTREPRISE POUR LA REALISATION DE LA SIGNALISATION PERMANENTE DE SECURITE DE TOUS LES SITES DE LA SINELAC.**

| | |
|---|---|
| Financement | : SINELAC |
| Maitre de l'ouvrage | : SINELAC |
| Date de publication | : 04/06/2026 |
| Date limite de dépôt des offres | : 25/06/2026 à 10h00 |
| Date d'ouverture des offres techniques | : 25/06/2026 à 10h30 |

1. La Société Internationale d'Electricité des Pays de Grands Lacs, en abrégé « SINELAC » lance un avis d'appel d'offres pour le recrutement d'une entreprise spécialisée pour la fourniture, la fabrication et l'installation de la signalisation permanente de sécurité sur tous ses sites.
2. La participation à la concurrence est ouverte à égalité de conditions à toutes les entreprises ou sociétés ressortissantes des pays de la CEPGL, spécialisées dans le domaine de la signalisation de sécurité, de la prévention des risques professionnels et des équipements de sécurité industrielle.
3. Le dossier d'appel d'offres peut être obtenu gratuitement par les candidats, sur info@sinelac.com ou peut être consulté sur le site web de la SINELAC : **www.sinelac.org** à partir du 04/06/2026.
4. Deux visites obligatoires des lieux sont prévues le 15/06/2026 à 10h30 au Poste de Dispatching de Mururu II au Rwanda et à 13h00 au bureau Siège de la SINELAC à Bukavu (sis avenue Vamaro, Place Nyawera) et le 16/06/2026 à 10h30 à la Centrale Ruzizi II à Mumosho en République Démocratique du Congo. La SINELAC répondra à toutes les demandes d'éclaircissements des soumissionnaires jusqu'au 19/06/2026.
5. Les offres bien dactylographiées rédigées en français accompagnées d'une garantie de soumission d'un montant égal à cinq cents Dollars Américains (500 USD) doivent être envoyées électroniquement à l'adresse mail cipm@sinelac.org au plus tard le 25/06/2026 à 10h00. La garantie de soumission doit être déposée uniquement à l'un des comptes mentionnés au point 3 ;
   Les offres doivent être envoyées protégées par un code secret à communiquer au jour et à l'heure de l'ouverture.

02/06/2026 08:04
02/06/2026 13:11

**BURUNDI** | **R.D.CONGO** | **RWANDA**

**Tél : + 250 788500415 E-mail : info@sinelac.org Website:www.sinelac.org**

**BURUNDI** | **R.D.CONGO** | **RWANDA**

**Tél : + 250 788500415 E-mail : info@sinelac.org Website:www.sinelac.org**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO**

Ubuyobozi bw'ishuri rya **TTC SAINT JEAN BAPTISTE CYAHINDA** rikorera mu karere ka **NYARUGURU**, buramenyesha abantu bose babishoboye kandi babifitiye ibyangombwa ko bushaka gutanga isoko **ryo kudoda uniforme z'abanyeshuri mu mwaka w'amashuri 2026-2027**.
Abifuza gupiganira iri soko babishoboye kandi babifitiye uburenganzira, bashobora kuza gufata igitabo gikubiyemo imiterere y'izo uniforme ndetse n'amabwiriza agenga ipiganwa mu biro by'ubunyabamabanga bw'ishuri, guhera tariki ya **15/06/2026, mu minsi ndetse n'amasaha y'akazi**, nyuma yo kwishyura amafranga ibihumbi icumi **(10,000frw)** y'urwanda adasubizwa kuri konti ya TTC SAINT JEAN BAPTISTE CYAHINDA **000500774795455**, iri muri banki ya **BK (BANK OF KIGALI)**.
Amabahasha y'ibiciro afunze neza kandi arimo ibitabo bitatu (umwimerere na kopi ebyiri), bifungiye mu ibahasha imwe, agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'iryo shuri bitarenze tariki ya **03/07/2026, saa yine (10h00)** za mugitondo. Gufungura ayo mabahasha bizakorwa mu ruhame kuri uwo munsi **saa 10h05 mu** cyumba cy'inama cy'iryo shuri.
Bikorewe i Cyahinda kuwa **09/06/2026**.

Padiri **Jean De Dieu NZAGAHIMANA**, umuyobozi wa TTC saint Jean Baptiste. Ku bindi bisobanuro wahamagara 0780866334 cyangwa 0788283564.

TTC SAINT JEAN BAPTISTE - C...

## ITANGAZO RY'AKAZI

*ORGANISME SPECIALISE DE LA C.E.P.G.L*

**SINELAC**
*Société Internationale*
*D'Electricité des Pays des*
*Grands Lacs*

Bukavu, le 27/05/2026

**AVIS D'APPEL D'OFFRES N° 449/2026**

**TITRE : *IMPLEMENTATION D'UN SYSTEME DE COMMUNICATION VOIP/SIP ENTRE LE POSTE MURURU II DE LA SINELAC ET LES POSTES DEPENDANTS (SNEL-RUZIZI I, EUCL - GIKONDO, REGIDESO - POSTE RN1***

| | |
|---|---|
| ***FINANCEMENT*** | ***: SINELAC*** |
| **MAITRE DE L'OUVRAGE** | **: SINELAC** |
| ***Date de publication*** | ***: 04/06/2026*** |
| ***Date limite de dépôt des offres*** | ***: 25/06/2026*** |
| ***Date d'ouverture des offres*** | ***: 25/06/2026 à 10h30*** |

1. La Société Internationale d'Electricité des Pays des Grands Lacs, en abrégé « SINELAC » lance un avis d'appel d'offres pour les travaux ci hauts mentionnés.
2. La participation à la concurrence est ouverte à égalité de conditions à toutes les entreprises spécialisées dans le domaine, ressortissantes des pays de la CEPGL.
3. Le dossier d'appel d'offres peut être obtenu via l'adresse électronique info@sinelac.org par les candidats, à partir du ***04/06/2026***, sur présentation d'un Bordereau de versement de **Cent Dollars Américains (100 USD)**, non remboursables au compte ouvert au nom de la SINELAC :
   - Compte N°05170-01034144401-66 USD Ouvert à RAWBANK
   - Compte N°054-6031290-54 USD Ouvert à la Banque de KIGALI
4. Les offres bien dactylographiées rédigées en français accompagnées d'une garantie de soumission d'un montant égal à cinq cents Dollars Américains (500 USD) doivent être envoyées électroniquement à l'adresse mail cipm@sinelac.org au plus tard **le *25/06/2026*** à **10h00**. La garantie de soumission doit être émise uniquement par une banque ou le bordereau de versement de ce montant dans l'un des comptes de la SINELAC mentionnés ci-dessus.

   Les offres doivent être envoyées et protégées par un code secret communiqué au jour et à l'heure de l'ouverture.
5. Les offres resteront valides pendant une période de **90 jours** à partir de la date de publication. L'ouverture des offres aura lieu le ***25/06/2026*** à **10h30.**

02/06/2026 08:12
**Directeur Administratif et Financier**
**BUNANI MUZIBANYI Richard**

P.O/DT
02/06/2026 14:00
**Directeur Général**
**NDAYISABA Fidèle**

SOCIETE INTERNATIONALE D'ELECTRICITE DES PAYS DES GRANDS LACS — SINELAC — BURUNDI RWANDA R.D. CONGO

**BURUNDI** | **R.D.CONGO** | **RWANDA**

**Tél : + 250 788500415 E-mail : info@sinelac.org Website:www.sinelac.org**

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
**Akarere ka Gasabo**

**UMURENGE WA REMERA**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA AMASOKO**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Remera buramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko mu gihe cy'umwaka ku buryo bukurikira:

| NOMERO Y'ISOKO | IZINA RY'ISOKO | IGIHE CYO GUFATA IBITABO (DAO) | IGIHE CYO GUFUNGURA AMABARUWA ARIMO IBICIRO | AHO AMAFARANGA AZATURUKA |
|---|---|---|---|---|
| TN/006/RMR/ 2025-2026 | Gusana inyubako z'ubuyobozi (Ibiro by'Umurenge n'Utugari) | 08/06/2026 Saa yine za mu gitondo (10h00) | 07/07/2026 Saa yine n'igice za mu gitondo (10h30) | Umurenge wa Remera |
| TN/007/RMR/ 2025-2026 | Gutanga serivisi ya resitora yo ku rwego rwa Hotel | 08/06/2026 Saa yine za mu gitondo (10h00) | 07/07/2026 Saa yine n'igice za mu gitondo (10h30) | Umurenge wa Remera |
| TN/008/RMR/ 2025-2026 | Kugemura SMART SCREEN ya pouce 65 | 08/06/2026 Saa yine za mu gitondo (10h00) | 07/07/2026 Saa yine n'igice za mu gitondo (10h30) | Umurenge wa Remera |

Abifuza gupiganira aya masoko bazabona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa guhera tariki ya **08/06/2026** mu biro by'Ubunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Remera nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi bitanu (5,000Frw) adasubizwa kuri konti y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'amahoro (RRA). Amabahasha afunze neza arimo ibiciro byanditse n'imashini bigizwe n'inyandiko y'umwimerere imwe (1) n'amakopi atatu (3) agomba kugeza ku biro by'Umurenge wa Remera bitarenze tariki ya **07/07/2026** saa yine zuzuye (10h00'). Gufungura amabahasha bizakorerwa mu ruhame uwo munsi **saa yine n'igice (10h30')** muri sale ntoya y'Umurenge.

Bikorewe i Remera ku wa 08/06/2026

**HAVUGUZIGA Charles**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Remera**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 026-093538 CYO KUWA 23/04/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 1/01/03/03/2180, IFITE UBUSO BUNGANA NA 180Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 11.780.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA GITICYINYONI, AKAGARI KA NYABUGOGO, UMURENGE WA KIGALI, AKARERE KA NYARUGENGE MU MUJYI WA KIGALI.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 11/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 18/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA KANDI BAKABANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA 589.000FRW AHWANYE NA 5% BY'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA KAVUZWE HARUGURU. AYO MAFARANGA AGASHYIRWA KURI KONTI YITWA AUCTION FUNDS MINIJUST IRI MURI BANKI YA KIGARI. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 100250096687 IRI MURI BK IKABA ARI KONTI Y'URUGAGA RW'ABAHESHA B'INKIKO YAFUNGURIWE GUCISHWAHO AMAFARANGA Y'INYANDIKOMPESHA.

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI, NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu
USHINZWE GUCUNGA INGWATE
Tel:0788686978

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU O26-093495 CYO KUWA **23/04/2026** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HISHYURWA UMWENDA WA BANK, USHINZWE KUGURISHA INGWATE ME MBANJENEZA ISAAC ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZATEZA CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BURIMO INZU IFITE UPI: 2/04/07/03/3425, IFITE UBUSO BUNGANA NA **2975 SQM** N'AGACIRO KANGANA NA MILIYONI ESHESHATU N'IBIHUMBI MAGANA ARINDWI NA MIRONGO ICYENDA N'UMUNANI (6,798,000**FRWS),** IHEREREYE MU MUDUGUDU W'A RURYANGO , AKAGALI KA MUTUNDA, UMURENGE WA MBAZI **,** AKARERE KA HUYE , INTARA Y'AMAJYEPFO ,

INGENGABIHE YO GUPIGANWA UKO ITEYE:

| GUPIGANWA | ITARIKI | UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | 01-08 | 06 | 2026 | SAA SITA (12H00) |
| INSHURO YA 2 | 10-17 | 06 | 2026 | SAA SITA (12H00) |
| INSHURO YA 3 | 19-26 | 06 | 2026 | SAA SITA (12H00) |

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.IECMS.GOV.RW KANDI BAKISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA N'IBIHUMBI MAGANA ATATU NA MIRONGO ITATU N'ICYENDA NA MAFARANGA MAGANA ACYENDA (339,900 **FRWS)** AHWANYE NA **5%** BY'AGACIRO K'UMUTUNGO WAVUZWE HARUGURU, KWISHYURA INGWATE NUKUJYA KUMUTUNGO UGURISHWA KU RUBUGA WWW.ONLINE AUCTION, UGAHABWA CODE YO KWISHYURIRAHO UGAHITAMO UBURYO BUKUNYUZE (BK CYANGWA MOBILE MONEY). UZEGUKANA INGWATE MURI CYAMUNARA AZISHYURA BINYUZE KURI KONTI N**$^{0}$** **461326440811** IRI MURI BPR KU MAZINA Y'USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARIWE **MBANJENEZA ISAAC**.GUSURA INGWATE BIKORWA BURI MUNSI MU MINSI Y'AKAZI. ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BAHAMAGARA KURI TELEPHONE NGENDANWA ARIYO **0788249561**

.IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA.

BIKOREWE I HUYE NONE KUWA 20/05/2026

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

Me MBANJENEZA Isaac

Appointed RECEIVER
TEL: 0788 249 561
MBANJENEZA ISAAC

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU O26-108651 CYO KUWA **09/05/2026** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HISHYURWA UMWENDA WA BANK, USHINZWE KUGURISHA INGWATE ME MBANJENEZA ISAAC ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZATEZA CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BURIMO INZU IFITE UPI: 3/06/10/02/2407, IFITE UBUSO BUNGANA NA **527 SQM** N'AGACIRO KANGANA NA MILIYONI ESHESHATU N'IBIHUMBI MAGANA ARINDWI NA MIRONGO ICYENDA N'UMUNANI (6,798,000**FRWS),** IHEREREYE MU MUDUGUDU W'AGATABUVUGA , AKAGALI KA GAKONI , UMURENGE WA MUGANZA **,** AKARERE KA RUSIZI ,

INGENGABIHE YO GUPIGANWA UKO ITEYE:

| GUPIGANWA | ITARIKI | UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | 14-21 | 06 | 2026 | SAA SITA (12H00) |
| INSHURO YA 2 | 23-30 | 06 | 2026 | SAA SITA (12H00) |
| INSHURO YA 3 | 01-08 | 07 | 2026 | SAA SITA (12H00) |

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.IECMS.GOV.RW. KWISHYURA INGWATE NUKUJYA KUMUTUNGO UGURISHWA KU RUBUGA WWW.ONLINE AUCTION, UGAHABWA CODE YO KWISHYURIRAHO UGAHITAMO UBURYO BUKUNYUZE (BK CYANGWA MOBILE MONEY). UZEGUKANA INGWATE MURI CYAMUNARA AZISHYURA BINYUZE KURI KONTI N**$^{0}$** **461326440811** IRI MURI BPR KU MAZINA Y'USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARIWE **MBANJENEZA ISAAC**.GUSURA INGWATE BIKORWA BURI MUNSI MU MINSI Y'AKAZI. ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BAHAMAGARA KURI TELEPHONE NGENDANWA ARIYO **0788249561**

.IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA.

BIKOREWE I HUYE NONE KUWA 02/06/2026

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

Me MBANJENEZA Isaac

Appointed RECEIVER
TEL: 0788 249 561
MBANJENEZA ISAAC

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 026-0903095 CYO KUWA 23/04/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 5/03/13/04/2464, GIFITE UBUSO BUNGANA NA 633 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 6.255.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA REBERO, AKAGARI KA MATARE, UMURENGE WA RUGARAMA, AKARERE KA GATSIBO MU NTARA YIBURASIRAZUBA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 16/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 23/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA BAKABANZA KWISHYURA KANDI 312.750FRW YINGWATE YIPIGANWA KURI KONTI YA MINIJUST IRI MURI BK. IYA KONTI BAZAHABWA NA SYSTEM MUGIHE CYIPIGANWA. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 100250096687 IRI MURI BK IKABA ARI KONTI YURUGAGA R'WABAHESHA B'INKIKO YAGENEWE GUCISHWAHO AMAFARANGA Y'INYANDIKOMPESHA.

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI, NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu
USHINZWE GUCUNGA INGWATE
Tel:0788686978

# Musanze: Igitaramo cyahuje Bruce Melodie na The Ben cyasigiye abacuruzi agatubutse

MUTETERAZINA Shifah

*Bamwe mu bacuruzi bo mu Karere ka Musanze baryohewe n'impera z'icyumweru kubera igitaramo cyahuje Bruce Melodie na The Ben kikabinjiriza amafaranga.*

Ni igitaramo cyabimburiye ibindi bateganya gukorera mu Turere tune tw'Igihugu biri mu bigize uruhererekne rw'ibitaramo byiswe "Summer Country Tour."

Abatuye mu Karere ka Musanze by'umwihariko abacuruzi, abanyempano n'abandi, babwiye Imvaho Nshya ko tariki 13 Kamena 2026, yabashimishije kuko uretse kuba Umujyi wabo wasusurukijwe byanatumye bakorera amafaranga.

Umuhoza Spice ucuruza amafunguro, avuga ko yacuruje ku rwego rudasanzwe kubera ko ubusanzwe aho bacururiza badakunze kubona abakiliya cyane.

Ati: "Ubu kuva mu gitondo kugeza saa sita z'amanywa maze gucuruza teremusi 10 z'icyayi, ubusanzwe iyo nabonye abakiliya benshi nacuruzaga ebyiri gusa, ikivuguto cyo kuva mu gitondo maze gucuruza utujerekani tune twa litiro 15, kandi ndacyacuruza. Iyi tariki ntizibagirana."

Ibyo avuga abihurizaho na Kanyandekwe François ukora ubucuruzi bwo gukodesha amacumbi, avuga ko binjije agatubutse.

Ati: "Iki gitaramo cyongereye umubare w'abatugana nk'ubu hari abamaze iminsi hano bafashe amacumbi hirya no hino bari baje muri gahunda yo kugitegura kandi hari n'abari bwongere kurara."

Uretse abakora ubucuruzi, urubyiruko rufite impano, ruvuga ko narwo rwabyungukiyemo kuko byababafashije kwerekana impano zabo.

Uwase Merveille wo mu itsinda ry'ababyinnyi ryabyiniye The Ben, avuga ko ari amahirwe akomeye kubyinira mu gitaramo nka kiriya.


Ati: "Ndi umubyinnyi wo mu itsinda ryitwa Musanze Dancer, ryibanda ku mbyino zigezweho. Nk'urubyiruko ruvuka i Musanze, ni amahirwe akomeye kubyinira mu gitaramo nk'iki, by'umwihariko kubyinira The Ben! Ikindi ntabwo tubyinira ubuntu, baraduha amafaranga kandi ntabwo baduha make."

Mico Kevin ukora ubugeni, avuga ko ibitaramo nk'ibi bitanga amahirwe yo kwerekana ibyo bashoboye.


Ati: "Nk'ubu hari ibyo nashushanyije kandi bifite ubutumwa bitanga, hari abazanye ibitabo byabo. Ibi byose biduha urubuga rwo kwerekana ibyo dushoboye nk'urubyiruko rwa Musanze."

Ni igitaramo muri rusange cyanatanze akazi n'amahirwe ku rubyiruko rutandukanye rurimo abaririmbyi bafashije abahanzi, ababyinnyi, abacuruza amatike n'abakoze ibindi bikorwa biganjemo abavuka muri ako Karere.

Ubwo baganiraga n'itangazamakuru, abateguye icyo gitaramo batangaje ko hateganyijwe gutanga akazi ku rubyiruko rurenga 2 000 mu Turere bizaberamo.



Abacururiza i Musanze bavuga ko igitaramo cya Summer country tour cyabasigiye agatubutse



Abanyempano biganjemo abanyabugeni, abanditsi n'ababyinnyi bishimiye umwanya bahawe muri icyo gitaramo




Abacururiza i Musanze bavuga ko igitaramo cya Summer country tour cyabasigiye agatubutse



Mico avuga ko byari ingenzi kwerekana icyo ashoboye

# New York Knicks yegukanye Igikombe cya NBA nyuma y'imyaka 53



New York Knicks yitwaye neza yegukanye Igikombe cya NBA nyuma y'imyaka 53

SHEMA IVAN

***New York Knicks yegukanye Igikombe cya NBA bwa mbere nyuma y'imyaka 53.***

Ikipe ya New York Knicks yegukanye Igikombe cya Shampiyona ya Basketball muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (NBA), kiba igikombe cya mbere itwaye nyuma y'imyaka 53.

Iyi kipe yabigezeho nyuma yo gutsinda San Antonio Spurs amanota 94-90 mu mukino wa gatanu wakinwe mu rukerera rwo kuri iki Cyumweru tariki ya 14 Kamena 2026.

Muri uyu mukino wa gatanu, New York Knicks yatabawe na Jalen Brunson watsinze amanota 45 arimo 14 yo mu gace ka kane.

Mu ruhererakane rw'imikino irindwi hagamijwe gutanguranwa intsinzi enye, New York Knicks ni yo yitwaye neza itsinda imikino 4-1.

Knicks yatsinze umukino wa kane iturutse inyuma aho yarushwaga amanota 29 ndetse no kuri uyu mukino wa gatanu byayisabye gutsinda iturutse inyuma.

Ni igikombe cya gatatu iyi kipe yegukanye, dore ko yaherukaga gutwara icyo mumu 1970 na 1973.

Jalen Brunson ukinira New York Knicks, yabaye umukinnyi witwaye neza kurusha abandi muri iyi mikino ya nyuma yo kugira impuzandengo y'amanota 32,6, iya 4,6 muri 'assists' na 4,2 muri 'rebounds'.

# Ben Moussa watozaga Police FC yirukanywe

SHEMA Ivan

***Ben Moussa ukomoka muri Tunisia watozaga ikipe ya Police FC, yirukanywe nyuma y'umwaka umwe kubera umusaruro mubi yagaragaje mu mwaka w'imikino wa 2025/26.***

Ben Moussaukomoka muri Tunisia watozaga ikipe ya Police FC, yirukanywe nyuma y'umwaka umwe kubera umusaruro mubi yagaragaje mu mwaka w'imikino wa 2025/26.

Ku mugoroba wo ku Cyumweru, tariki ya 14 Kamena 2026, ni bwo Police FC yashyize ubutumwa ku mbuga nkoranyambaga zayo igaragaza ko itakiri kumwe n'uyu mutoza wayigezemo muri Nyakanga 2025.

Uyu mutoza yari asigaranye amasezerano y'imyaka ibiri. Bivugwa ko ashobora gusimburwa na Yves Rwasamanzi usanzwe ari umutoza wa Marines FC.

Izi mpinduka zakozwe muri iyi kipe y'abashinzwe umutekano ziyongereye mu ku abandi barindwi baherutse gusezererwa barimo rutahizamu w'Umunya-Nigeria, Ani Elijah ndetse na Byiringiro Lague, umukinnyi rukumbi w'Umunyarwanda uri muri barindwi bashimiwe n'iyi kipe.



Ben Moussa watozaga Police FC yirukanywe nyuma y'umwaka

Abandi ni myugariro w'Umunya-Ghana, Issah Yakubu, Umunya-Nigeria, David Chimezie, Abarundi Msanga Henry na Richard Kirongozi ndetse n'Umunya-Uganda Allan Kateregga.

Iyi kipe ya Polisi y'Igihugu yagize umusaruro mubi mu mwaka w'imikino wa 2025/26 yari yatangiye neza, isoreza ku mwanya wa gatandatu muri Shampiyona, mu gihe yasezerewe na Rayon Sports muri ¼ cy'Igikombe cy'Amahoro.

Igikombe kimwe rukumbi Police FC yegukanye uyu mwaka ni icy'Intwari yatwaye muri Gashyantare itsinze APR FC kuri penaliti, ariko nticyari gihagije ngo yongere gusohokera u Rwanda nk'uko yabikoze mu 2024/25.

Imvaho Nshya
Siporo




Nº. E-63 TARIKI 9-15 KAMENA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Abanyarwandakazi begukanye imidali yose muri Half Marathon ya 'KIPM 2026'

**SHEMA Ivan**

***URwanda rwegukanye imidali yose muri Half Marathon y'abagore mu Irushanwa Mpuzamahanga ryo Gusiganwa ku Maguru " Kigali International Peace Marathon 2026", Umunya-Kenya Kephar Namutala yegukana irushanwa mu cyiciro cy'abagabo.***

Kuri iki Cyumweru tariki ya 14 Kamena 2026, ni bwo hakinwe umunsi wa Kabiri w'irushanwa ryakinwaga ku nshuro ya 21. Iri rushanwa ritegurwa n'Ishyirahamwe ry'Imikino Ngororamubiri mu Rwanda (RAF) ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo, uyu mwaka ryari rifite umwihariko wo gukinwa iminsi ibiri.

Inzira yakoreshejwe ni Amahoro Stadium-Chez Lando-Gishushu RDB-MTN Nyarutarama (Akabuga ka Nyarutarama)-Gishushu RDB-KCC-University of Kigali –Kacyiru- MINAGRI-Kwa Ambasaderi wa USA- KABC-Kimihurura ku Kabindi-Primature-ku Kabindi-Kigali Heights- University of Kigali-KCC-Gishushu-Chez Lando- Amahoro Stadium (Zigama Gate)-kwa Rwahama-Simba Kimironko- KFC Kimironko-Controle Technique-Amahoro Stadium.

Umunya-Kenya Kephar Namutala yegukanye Marato Mpuzamahanga ya Kigali ya 2026 muri Full Marathon mu cyiciro cy'abagabo nyuma yo gukoresha amasaha abiri, iminota 14 n'amasegonda 19.

Yakuyeho agahigo ko gukoresha ibihe bito kari gafitwe na mugenzi we ukomoka muri Kenya Kibet Paul Kosjei wakoresheje amasaha abiri, iminota 14 n'amasegonda 56 mu 2012.

Yakurikiwe na mwenewabo Shadrack Kimining wabaye uwa kabiri yasizwe amasegonda mu gihe ku mwanya wa gatatu hasoreje Benard Kipkorir na we wo muri Kenya.

Mu bagore, isiganwa ryegukanywe n'Umunya-Kenya Ivyne Jeruto, aho yakoresheje amasaha abiri, iminota 35 n'amasegonda 35.

Yakurikiwe na Tegest Ayalew Ymer (Ethiopia) yasize amasegonda 41, mu gihe umwanya wa gatatu wegukanywe na Tsega Desta Mehari na we wo muri Ethiopia.

Mu cyiciro cya Half Marathon y'ibilometero 21, mu bagabo n'abagore, bazenguruka inshuro imwe mu nzira yakozwe n'abakinnye Full Marathon.

Umunya-Kenya Amos Kirui ni we wahize abandi mu bagabo, akoresheje isaha imwe, iminota ine n'amasegonda 16.

Yakurikiwe na Oscar Kibet wo muri Uganda mu gihe uwa gatatu yabaye Zakariah Kirika Gacugu wo muri Kenya.

Mu bagore, Umunyarwandakazi Ibishatse Angelique yegukanye Half Marathon, akoresheje isaha imwe, iminota 13 n'amasegonda 30 ku ntera y'ibilometero 21.

Yakurikiwe na Mutuyimana Berthilde yasize amasegonda 24 na Tuyambaze Thabita yasize amasegonda 37, aho bose ari Abanyarwanda

Umukinnyi wegukanye Full Marathon mu bagabo n'abagore yahawe ibihumbi 20$ [asaga miliyoni 29,3 Frw], uwa kabiri ahabwa ibihumbi 15$ naho uwa gatatu atwara 7 500$.

Uwa kane yabonye amadolari ya Amerika 5 000, uwa gatanu abona amadolari 3 000, mu gihe kuva ku wa gatandatu kugeza ku wa munani bahawe amadolari 2 000, amadolari 1 500 na 1 000.

Mu basiganwe Igice cya Marathon [ibilometero 21,098], uwa mbere mu bagabo no mu bagore yahawe amadolari ya Amerika 5 000 [asaga miliyoni 7,3 z'amafaranga y'u Rwanda].

Uwa kabiri yabonye amadolari ya Amerika 4 000, uwa gatatu ahabwa amadolari 3 000. Kuva ku mwanya wa kane kugeza ku wa munani bahawe amadolari ya 2 000, amadolari 1 000, amadolari 800, amadolari 500 n'amadolari 400.

Kigali International Peace Marathon uyu mwaka yatumiwemo abakinnyi 22 bakina amarushanwa yo ku rwego rwa kabiri [Gold Label] kugira ngo izazamurirwe urwego.




**Abakinnyi bahize abandi muri Full Marathon mu Bagore**




**Abakinnyi bitwaye neza muri Full Marathon mu bagabo**